

LETA YA MAINE

**ITEGEKO RIGENGA ITANGWA RY'ICYEMEZO K'UTANGA SERIVISI
ZO KWITA KU MWANA MU MURYANGO**

**10-148 IGITABO CY'AMATEGEKO YA MAINE
UMUTWE WA 33**



Ishami ry'Ubuzima rya Maine na Serivisi z'ibikorwa byita ku baturage

Ibiro bishinzwe serivisi z'Umwana n'Umuryango

**11 State House Station
Augusta, Maine 04333-0111**

Itariki byatangiye kubahirizwa:

Ibice by'Itegeko Bikunda kugaruka

Gicurasi 27, 2021

Ibice by'Ingenzi by'Itegeko

Gicurasi 27, 2022

IBIRIMO

IGICE CYA 1. AMAGAMBO AGARAGAZA IMPAMVU N’UBUSOBANURO	1
A. Amagambo agaragaza impamvu.....	1
B. Ubusobanuro.....	1
IGICE CYA 2. IBISABWA NGO HATANGWE ICYEMEZO N’UKO BIKORWA	6
A. Gutanga icyemezo.....	6
B. Ibyo uwandika asaba icyemezo agomba kuba yujuje.....	6
C. Gutanga ubusabe bwanditse.....	7
D. Gusuzuma amateka yaranze umuntu mu buryo bwuzuye.....	8
E. Ibituma usonerwa.....	8
F. Ubwoko bw’icyemezo n’igihe kimara.....	8
G. Ubuyobozi.....	9
IGICE CYA 3. AMAFARANGA YISHYURWA	13
A. Amafaranga yishyurwa.....	13
B. Impinduka mu gutanga icyemezo.....	13
IGICE CYA 4. UBUGENZUZI N’IPEREREZA	14
A. Ubugenzuzi.....	14
B. Uburenganzira bwo kwinjira.....	14
C. Ingingo zigize ubugenzuzi.....	14
D. Raporo y’ubugenzuzi.....	14
E. Iperereza.....	15
IGICE CYA 5. GUCUNGA AMAKURU NO KUYABIKA	16
A. Gucunga amakuru.....	16
B. Guhimba amakuru.....	16
C. Ubugenzuzi bw’amakuru.....	16
D. Amakuru y’umwana.....	16
E. Amakuru y’abakozi.....	18
F. Abagize umuryango.....	18
G. Amakuru ku kugira ubushobozi burenze.....	18
H. Gukurikiza kode.....	18
IGICE CYA 6. IBISABWA MU GUTANGA RAPORO	19
A. Guhindura Utanga serivisi.....	19
B. Raporo itegegetswe y’ihohoterwa rikorerwa umwana no/cyangwa kumutererana byaketswe.....	19
C. Guha Ishami raporo ku ngaruka zatewe n’amazi yo kunywa.....	19
D. Gutanga raporo ku kunanirwa kurinda amazi kwangirika.....	19
E. Gutanga raporo ku birego.....	19
F. Ubundi butumwa bumenyeshya.....	20
G. icyo ishami ryakoze kuri raporo.....	20
IGICE CYA 7. IMPUZANDENGO Y’ABAKOZI BITA KU BANA, UBUGENZUZI, N’IBISABWA	21
A. Abana bari muni y’ibyumweru bitandatu by’ubukure.....	21
B. Abana b’abatanga serivisi n’Abakozi.....	21
C. Impuzandengo y’abakozi bita ku Bana.....	21
D. Ubugenzuzi.....	22
E. Gahunda yo kwitegura ingorane.....	22

F. Ibisabwa abakozi.....	22
IGICE CYA 8. AMAHUGURWA.....	24
A. Amahugurwa yo kwimenyereza umwuga.....	24
B. Amahugurwa akomeza.....	24
IGICE CYA 9. UBURYO BWO KUYOBORA UMWANA.....	26
A. Uburyo bwiza bwo kuyobora umwana.....	26
B. Gukurikiza amategeko ya porogaramu mu buryo buhoraho kandi buboneye.....	26
C. Uburyo bwubaka bwo kuyobora umwana.....	26
D. Imikorere yangiza.....	26
IGICE CYA 10.UBURENGAZIRA BW'ABANA N'ABABYEYI.....	28
A. Uburenganzira bw'abana.....	28
B. Uburenganzira bw'ababyeyi n'abishingizi b'abana bitabwaho n'abatanga serivisi.....	28
IGICE CYA 11.GUTANGA RAPORO KU IHOTERWA RIKORERWA UMWANA CYANGWA KUMUTERERANA.....	29
A. Ibisabwa mu gutanga raporo ku ihohoterwa ry'umwana cyangwa kumutererana.....	29
B. Ibyo Utanga serivisi asabwa kumenyekanisha.....	29
C. Amabwiriza yanditse yatanzwe.....	29
D. Nomero y'umurongo utishyuzwa yashyizweho.....	29
IGICE CYA 12.UBUZIMA N'UBUVUZI.....	30
A. Inkingo.....	30
B. Ibisabwa mu isuzumabikorwa.....	30
C. Gusuzuma indwara.....	30
D. Gukurikirana uko ubuzima buhagaze.....	31
E. Gusezerera abana bitewe n'uburwayi.....	31
F. Uburwayi,gukomereka bikomeye, ibihe bidasanze n'impanuka.....	31
G. Ubutabazi bw'ibanze.....	31
H. Gutanga imiti.....	31
I. Gukaraba intoki.....	32
J. Kwirinda gukora ku maraso n'amatembabuzi y'umubiri.....	32
K. Uko bigenda mu bihe bisaba ubutabazi bwihutirwa.....	32
IGICE CYA 13.AMAZI YO KUNYWA N'AMAZI ARIMO IMYANDA.....	33
A. Kunywa amazi.....	33
B. Isuzuma rya buri mwaka ry'amazi rikorerwa abatanga serivisi bafite amavomo.....	33
C. Isuzuma rya buri myaka itanu ry'amazi rikorerwa abatanga serivisi bafite amavomo.....	33
D. Amasezerano yerekeye amazi ashirwa mu macupa.....	33
E. Amazi n'itiyo ijyana imyanda.....	33
IGICE CYA 14.IBIDUKIKIJE N'UMUTEKANO.....	35
A. Ibigomba kubahirizwa muri rusange ku nyubako zitangirwamo serivisi n'ahayizengurutse.....	35
B. Igihe cyo gukinira hanze n'ibikorwa bikorerwa mu nzu.....	36
C. Ingero z'ubutare bwa plomb zagabanyijwe ku kigero gishimishije.....	36
D. Umwuka wanduye.....	37
E. Ubushyuhe bw'inyubako.....	37
F. Urumuri n'umwuka.....	37
G. Umwanya muto ushoboka wo gukoresha.....	37
H. Umwanya wo gukiniramo hanze.....	38

I. Intwaro	39
J. Ibikoresho, ibikinisho n'ibyifashishwa	39
K. Ibikoresho byo mu nzu	39
L. Udutanda tw'abana, uburiri n'ibisaswa	39
M. Ubwiherero	40
N. Kubinda umwana/kumujoyana mu bwihereho	41
O. Amatungo yo mu rugo	41
P. Kwitoza gusohora abantu mu nzu mu gihe cy'inkongi y'umuriro	42
Q. Gahunda yo kwitegura ibyago bitunguranye	42
IGICE CYA 15. KOGA MURI PISINE NO KUGENDA MU MAZI	43
A. Amabwiriza n'uburyo bukurikizwa byerekeye ibikorwa bibera mu mazi n'uburyo bwo gucunga umutekano	43
B. Uruhushya rutangwa n'umubyeyi	43
C. Imbuga	43
D. Amahugurwa runaka n'icyemezo bikenewe mu gihe cy'ibikorwa bibera mu mazi	43
E. Isuku	43
F. Kubasha kugera kuri pisine	44
G. Kwitegura gutabara igihe hakenewe ubutabazi bwihutirwa n' imyitozo	44
H. Impuzandengo y'abakozi bita ku Bana mu gihe cy'ibikorwa bibera mu mazi	44
I. Pisine	44
J. Pisine ziri hanze y'aho baba cyangwa amazi karemano	45
K. Abatoga muri pisine	45
IGICE CYA 16. IBIKORESHO BYO MU GIKONI N'IBYO KURYA	46
A. Indyo yuzuye n'amafunguro yo kwica isari	46
B. Gukaraba intoki	46
C. Ubwivumbure bw'umubiri	46
D. Inshingano z'Utanga serivisi	46
E. Ububiko bw'amafunguro	47
F. Gutegura amafunguro	47
G. Ibikoresho n'ibyifashishwa mu gikoni	47
H. Igikoni	47
IGICE CYA 17. GUTWARA ABANA	49
A. Ibyo umushoferi asabwa	49
B. Kutarenza umubare imodoka igenewe gutwara	49
C. Umutekano mu modoka	49
D. Ingendoshuri	49
IGICE CYA 18. KWITA KU MPINJA/IGITAMBAMBUGA	50
A. Amategeko y'inyongera ku batanga serivisi ku mpinja n'ibitambambuga	50
B. Guteza imbere ibyo umwana akenera mu mikurire	50
C. Kugabura	50
D. Gusinzira agahe gato/kuruhuka	51
IGICE CYA 19. KWITA KU MWANA NIJORO	52
A. Andi mategeko ku kwita ku mwana nijoro	52
B. Kwita ku mwana hashingiwe ku miterere ye yihariye	52
C. Ibyumba bikoreshwa igihe cyo gusinzira byimbitse cyangwa gusinzira agahe gato	52

D. Ibitanda n'ibisaswa.....	52
E. Kugenzura umwana igihe asinziriye.....	52
IGICE CYA 20.GUSHYIRA MU NGIRO, BIKURIKIRWA NO KONGERA GUTANGA UBUSABE	
N'UBUJURIRE	53
A. Ububasha bw'Ishami bwo gutuma byubahirizwa.....	53
B. Gahunda y'ibikorwa iyobowe.....	53
C. Ibikumiriwe.....	53
D. icyemezo gitangwa ari uko hari ibibanje kubahirizwa.....	53
E. Guhagarika icyemezo.....	53
F. Koherezwa ku biro by'Intumwa nkuru ya leta.....	54
G. Kwanga gutanga cyangwa kongerera icyemezo agaciro.....	54
H. Kwamburwa icyemezo.....	54
I. Gutesha agaciro icyemezo	54
J. Uburenganzira bwo kubona amakuru yerekeye ibyo Utanga serivisi atubahirije.....	54
K. Amasezerano yo gutanga uburenganzira.....	54
L. Ntarengwa yo kongera gutanga ubusabe nyuma yo kwimwa cyangwa kwamburwa icyemezo.....	54
M. Gukurikizaho gusaba icyemezo cyuzuye.....	54
N. Guhabwa icyemezo byuzuye nyuma yo gukosora ibitarubahirijwe.....	55
O. Uburenganzira bwo kujurira.....	55
AMATEKA Y'UBUGENZUZI	56

10-148 C.M.R. Ch. 33

**Ishami ry'ubuzima na serivisi zita ku baturage
Iburo bishinzwe Serivisi z'Umwana n'Umuryango**

**ITEGEKO RIGENA ITANGWA RY'ICYEMEZO UTANGA SERIVISI ZO KWITA KU BANA MU
MURYANGO**

INCAMAKE

Iri tegeko ryashyiriweho kugena uburyo bwo guha icyemezo abatanga serivisi zo kwita ku buerer bw'abana mu muryango muri Leta ya Maine, no kurinda ubuzima, umutekano, n'imibereho myiza y'abana bahabwa izi serivisi.

UBUBASHA

Iri tegeko ryatangajwe ku bw'ububasha bwa 22 M.R.S. Ch. 1661, 1663, and 1673.

ITARIKI BYATANGIRIYE KUBAHIRIZWA

Iri tegeko ryavanyeho Ibice bikunda kwibandwaho by'itegeko bya 10-144 C.M.R. Ch. 33 Itegeko rigenga itangwa ry'icyemezo k'Utanga serivisi zo Kwita ku Mwawana mu Muryango risimbuzwa impinduka zikunda gukoreshwa ku wa 27 Gicurasi, 2021.

Iri tegeko ryavanyeho ibice by'ingenzi by'itegeko rya 10-144 C.M.R. Ch 33 Itegeko ryo guha icyemezo Utanga serivisi zo kwita ku bana mu muryango risimbuzwa impinduka zikunda gukoreshwa ku wa 27 Gicurasi, 2022.

IGICE CYA 1. AMAGAMBO AGARAGAZA IMPAMVU N'UBUSOBANURO

- A. Amagambo agaragaza impamvu.** Impamvu y'iri tegeko ni ugushyiraho ibipimo fatizo bishingirwago mu guha icyemezo abatanga serivisi zo kwita ku bana mu muryango . Iri tegeko ryatangiyeye gukurikizwahagendewe kuri 22 M.R.S., Imitwe ya 1661, 1663 na 1673 kandi rirasobanura ibisabwa by'ibanze mu gutanga icyemezo n'imikorere y'abatanga serivisi zo kwita ku bana mu muryango. Iri tegeko rshyigikira serivisi zo kwita ku bana zifite ibyo abana bakenera mu mitekerereze n'imibanire ndetse n'imikurire, hatangwa ahantu hatekanye, haboneka ubuzima bwiza kandi hatekanye.
- B. Ubusobanuro.** Nk'uko yakoreshejwe muri iri tegeko, uretse igihe igisobanuro kibihinduye ukundi, amagambo akurikira afite ubusobanuro bukurikira:
1. **Ihohoterwa cyangwa gutereranwa** bisobanuye akaga ku buzima bw'Umwana cyangwa imibereho ye myiza, gukomeretswa ku mubiri, mu ntekerezo cyangwa amarangamutima, kumuhatira gukora imibonano mpuzabitsina cyangwa gukoreshwa mu nyungu z'undi muntu, kumubuza uburenganzira ku by'ibanze akenera cyangwa kutarindwa ibi n'umuntu ushinzwe Umwana.
 2. **Impanuka** isobanuye ikintu kiba kigatera kononekara cyangwa ibikomere biboneshwa amaso(gushwaratura, aharumwe, ivi ryasanutse, ubutabazi bw'ibanze bwatanzwe, n'ibindi).
 3. **Umuntu mukuru** bisobanuye umuntu ufite imyaka 18 y'ubukure no hejuru yayo.
 4. **Utanga ubusabe** bisobanuye umuntu wese wandika asaba icyemezo hakurikijwe aya mategeko.
 5. **Amakuru yo kwitabira** bisobanuye urutonde rw'amazina y'abana bahari imbona nkubone buri muni.
 6. **Ibinyabuzima bitera ubwandu** ni ibinyabuzima (nka bagiteri, anzime, ibiyeye, virusi) cyangwa ibibikomokaho bishobora guteza akaga inyamaswa cyangwa abantu igihe bihumetswe, bimizwe, cyangwa se byinjye mu mubiri.
 7. **Umukozi ushinzwe gukumira impanuka zibera mu mazi wemewe** bisobanuye umuntu ufite icyemezo gifite agaciro muri tekinike zo kurokora ubuzima cyantanzwe n'umwarimu ubifitiye ubushobozi uva mu kigo cyemewe nyuma yo gusoza amahugurwa y'imbona nkubone,
 8. **Umwana cyangwa abana** bisobanuye umuntu cyangwa abantu bari muni y'imyaka 13 y'ubukure.
 9. **Gusukura** bisobanuye kuvanaho umwanda, ibimene, n'amatembabuzi y'umubiri ukuba ukanoza ukoresheje isabune maze ukunyuguzwa n'amazi.
 10. **Amasezerano yo gutanga uburenganzira** bisobanuye ingano y'ibisabwa byanditse Utanga serivisi agomba gukurikiza nk'ibigenderwaho mu gutanga icyemezo
 11. **Iminsi** bisobanuye iminsi iri kuri karendari, keretse hari ukundi bigaragajwe.
 12. **Ishami** bisobanuye icyiciro kiri mu Ishami ry'Ubuzima na Serivisi zita ku Baturage rifite inshingano zo gukora ubugenzuzi no gutanga ibyemezo, keretse hari ukundi byasobanuwe mu buryo bwihariye muri iri tegeko.
 13. **Ibikwiye mu mikurire** bisobanuye ibikorwa, ibidukikije, ibikoresho, ibigemurwa, itumanaho, ugushyikirana, cyangwa ibikorwa bishingiye ku miterere y'umubiri, amarangamutima, imibanire, n'ibikenewe mu mitekerereze kuri buri mwana mu gihe cyo kumwitaho.
 14. **Imyitwarire myiza** bisobanuye kwigisha abana ibijyanye n'ibyo bateganya, imirongo ngenderwaho n'amahame, gusigasira umutekano, gushishikariza kugira ubushishozi, no guteza imbere ndetse no gukomeza kwiyubakamo kugira imyitwarire myiza.

15. **Utanga serivisi zo Kwita ku Mwana mu Muryango** bisobanuye umuntu Utanga serivisi zo kwita ku mwana mu rugo rw' uwo muntu ku buryo buhoraho, hitabwa ku bana 3 kugeza kuri 12 bari muni y' imyaka 13 y' ubukure batari abana b' Utanga serivisi cyangwa badatuye mu rugo rw' Utanga serivisi.
16. **Ibyavuye mu iperereza** bisobanuye icyemezo cyafashwe n' uwakoze iperereza wo hanze y' urugo kikaba gishingiye ku bigaragara n' ibimenyetso byakusanyijwe mu gihe cy' iperereza mu gushyigikira icyemezo ko umuntu ufite Umwana mu nshingano, hashingiwe ku byagaragajwe na byinshi mu bimenyetso, yahohoteye cyangwa akarangarana Umwana.
17. **Urugendoshuri** bisobanuye urugendo rwose rukorerwa hanze y' Inyubako zitangirwamo serivisi n' Utanga serivisi.
18. **Igikoresho cyateza akaga** bisobanuye igikoresho cyose cyangwa ikintu (cy' ikinyabuzima, ikinyabutabire, igikoresha imirasire, na /cyangwa kibasha gukorwaho), gifite ubushobozi bwo kwangiza abantu, inyamaswa, cyangwa ibidukikije, cyaba kibikoze ubwacyo cyangwa binyuze mu kugirana isano n' ibindi bintu.
19. **Umwe mu bagize urugo** bisobanuye umuntu wese utuye mu rugo rw' Uwandika asaba guhabwa serivisi cyangwa Utanga serivisi.
20. **Icyago kigusumbirije** bisobanuye igihe kutubahiriza kimwe cyangwa byinshi mu bice by' iri tegeko kw' Utanga serivisi byateye, cyangwa biri hafi kwangiza cyangwa kumugaza Umwana, kandi hagakomeza kubaho ibyago by' ako kanya byo kwangiza cyangwa kumugaza keretse hari igikorwa gikozwe ako kanya cyo kubikosora.
21. **Ikizazane cy' ako kanya** bisobanuye igihe kutubahiriza kimwe cyangwa byinshi mu bice by' iri tegeko byateye, cyangwa biri hafi gutera, igikomere gikanganye cyangwa urupfu rw' Umwana, kandi hagakomeza kubaho ibyago by' ako kanya byo gukomereka bikanganye cyangwa urupfu rw' Umwana keretse hari igikorwa gikozwe ako kanya cyo kubikosora.
22. **Icyabaye** bisobanuye ikintu cyabaye kidasanze, harimo ariko bitagarukiye ku, gusagarira, ibirego by' imyitwarire idakwiye y' Utanga serivisi, imyitwarire idakwiye y' imibonano mpuzabitsina ku mwana, igikorwa kidasanze, impinduka zigaragara mu myitwarire y' Umwana, cyangwa kuvumbura ku mwana cyangwa umubyeyi Ihohoterwa cyangwa Kumutererana.
23. **Uruhinja** bisobanuye Umwana ufite ibyumweru bitandatu kugeza ku mezi 12 y' ubukure.
24. **Iperereza** bisobanuye uburyo bwapanzwe bw' ibazwa, kugenzura amakuru abitswe, n' isuzuma ryakozwe ku mpamvu zo kugaragaza ko habayeho Ihohoterwa ry' Umwana cyangwa Kumurangarana, na/cyangwa kwica iri tegeko.
25. **Umwishingizi** bisobanuye umuntu cyangwa ikigo cya/wabiherewe uburenganzira bwo gukora mu mwanya w' Umwana. Ku mpamvu y' iri tegeko, ijamba Umubyeyi rikubiyemo umwishingizi.
26. **Icyemezo** bisobanuye uruhushya rwanditse, byaba rw' agateganyo, rw' igihe gito, rufite umwihariko, cyangwa ruhoraho, rutangwa n' Ishami riha Utanga serivisi uburenganzira bwo gukora. Ku mpamvu z' iri tegeko, icyemezo gifite ubusobanuro bumwe no "guhambwa icyemezo" muri 22 MRS §8301-A.
27. **Ubushobozi bwatangirwe icyemezo** bisobanuye umubare n' imyaka y' abana, byagaragajwe ku icyemezo, bemerewe kuba mu Nyubako zitangirwamo serivisi igihe cyose.
28. **Gusonerwa icyemezo** bivuze umuntu Utanga serivisi zo kwita ku banan' ubugenzuzi bw' abana batarenze babiri batari Abana b' Utanga serivisi cyangwa badatuye mu rugo rw' Utanga serivisi, ku muni uwo ari wo wose, kugira ngo bitabweho. Kugira ngo asonerwe icyemezo, Utanga serivisi agomba kubahiriza 22 M.R.S. §8302-B.

29. **Gufunga** bisobanuye kudanangira igikoresho gikoreshwa n'urufunguzo, urufatikanye, cyangwa ikindi gikoresho gifatishijwe ku gikondo cyangwa isanduku ifunze neza cyangwa irinzwe ikumira inzira igera ku ntwaro, pisine, imiti, ibigemurwa byo gusukura n'ibindi bihumanya, likeri, n'amakuru y'ibanga.
30. **Gufungirana** bisobanuye uburyo umuntu akomeza kuba afungiranye, ndetse byanashoboka ko aba yihishe, imbere mu rugo rw'Utanga serivisi igihe hatizewe umutekano igihe habayeho kuva mu rugo cyangwa kujya hanze y'inzu mu gihe hari impamvu zakenera ubutabazi bwihutirwa.
31. **Ushinzwe gutanga amakuru ku ihohoretwa** bisobanuye umuntu wasabwe n'amategeko kumenyekanisha Ihohoterwa cyangwa Kurangaranwa bifite ishingiro ryo gukekwa.
32. **Imiti** bisobanuye umuti wandikiwe Umwana n'umuganga ubifitiye icyemezo n'imiti itanditswe n'umuganga.
33. **Amazi y'umwimerere** bisobanuye inyanja, ikiyaga, ikizenga, umugezi, ikigega, ahacukuwa amabuye, isoko, akagezi, n'ahari amazi yagendwamo hashobora gukoreshwa mu gihe cy'ibikorwa byo kuruhukira mu mazi.
34. **Kwitabwaho nijoro** bisobanuye serivisi zo kwita ku mwana zishyurwa zitangwa hagati ya saa 12 z'ijoro na saa 6 z'igitondo.
35. **Utoga muri pisine** bisobanuye Umukozi cyangwa Umwana udashobora koga muri pisine fiti 25 yubitse inda, fiti 25 agaramye, no koga ahagaze mu gihe cy'umunota 1.
36. **Itsinda ritari iryo ku kigo cyita ku bana rikora Iperereza (OOH Team)** bisobanuye itsinda rishinzwe gukora iperereza kuri raporo z'Ihohoterwa cyangwa Gutererana Umwana bikekwa ku muntu/abantu cyangwa inyubako zikeneye icyemezo hashingiwe kuri 22 M.R.S. 8351-8358
37. **Umubyeyi** bisobanuye umubyeyi w'umugabo cyangwa w'umugore mu buryo bwo kubyara cyangwa kurera. Ku mpamvu y'iri tegeko, Umubyeyi akubiyemo Umwishingizi.
38. **Gahunda y'ibikorwa** bisobanuye gahunda yanditse yateguwe n'Utanga serivisi hamwe n'Ishami igihe cy'ubugenzuzi cyangwa gahunda yanditse yateguwe n'Utanga serivisi igatangwa mu Ishami. Gahunda y'ibikorwa ikubiyemo imikorere yihariye, uburyo bwo kubikora, impinduka zigomba gukorwa n'Utanga serivisi kugira ngo akosore ahantu hose bitakozwe uko bikwiye. Gahunda y'ibikorwa ikubiyemo kandi igihe Utanga serivisi azongera gukora ibintu uko bikwiye.
39. **Inyubako zitangirwamo serivisi** bisobanuye urugo rw'Utanga serivisi, n'ibice byose by'umutungo utimukanwa uri hamwe, harimo, ariko bitagarukiye ko, butaka, inzira bwite, cyangwa inyubako izo ari zo zose cyangwa amazu, bifitwe n'Utanga serivisi, cyangwa afite ubugenzuzi buziguye cyangwa butaziguye cyangwa inyungu, kabone nubwo abana batahererwa serivisi mu bice byose by'umutungo utimukanwa uri hamwe.
40. **Umwana utaratangira ishuri** bisobanuye Umwana ufite imyaka itatu kugeza kuri itanu y'ubukure.
41. **Utanga serivisi** bisobanuye Utanga serivisi ku mwana mu muryango.
42. **Ibaruwa yo kwemererwa y'Utanga serivisi** bisobanuye ibaruwa yoherejwe n'Ishami ku muntu urebwa n'isuzuma ry'amateka yaranze umuntu igatanga raporo ku mimerere y'itoranywa mu buryo bwihariye kandi ntihishura amakuru yihariye atuma umuntu adatoranywa cyangwa amakuru ayo ari yo yose y'ibanga yerekeye umuntu.
43. **Kumenyerezwa umwuga** bisobanuye amahugurwa cyangwa amashuri bisabwa mbere y'uko umuntu akora mu mwanya w'akazi runaka.

44. **Kongera kwica itegeko** bisobanuye kwica itegeko runaka rigenga itangwa ry'icyemezo porogaramu yashingiyeho.
45. **Kuruhuka no kwidagadura** bisobanuye umutuzo, igihe hatari amabwiriza agomba gukurikizwa. Muri ibi hashobora kuba hakubiyemo gusoma, gusinzira agahe gato, cyangwa ibindi bikorwa by'umuntu ku giti cye bituje bikwiye ku myaka y'abana.
46. **Ibyago** bisobanuye ibishobora gutuma Umwana agira ubwoko runaka bwo kwangirika, igikomere, cyangwa Ihohoterwa cyangwa Kuranganwa hashingiwe ku mpamvu na/cyangwa ku byibasiye uwo mwana.
47. **Umwana ugejeje igihe cyo kwiga** bisobanuye Umwana nibura ufite imyaka itanu y'ubukure kandi akaba ari muni y'imyaka 13 y'ubukure.
48. **Igikomere gikomeye** bisobanuye:
- Igikomere cyangwa uburwayi busaba kwitabwaho na muganga cyangwa abandi bakozibakora mu by'ubuzima, harimo, ariko bitagarukira ku, kujya mu cyumba cy'indembe no/cyangwa gushyirwa mu bitaro, harimo ibyatewe n'impanuka igihe cyo gutwara abantu bajya cyangwa bava ahabereye ibirori byatewe inkunga; cyangwa
 - Uburwayi ubwo ari bwo bwose bugaragarira amaso, nkuko byagaragajwe n'Ishami kuri <https://www.maine.gov/dhhs/mecdc/infectious-disease/epi/disease-reporting/documents/notifiable-conditions-2-17-2021.pdf>.
49. **Kuguma mu rugo** bisobanuye kuguma mu rugo rw'Utanga serivisi mu bihe bisaba ubutabazi bwihutirwa, igihe bigaragara ko kuva mu rugo bidatanga umutekano.
50. **Umukozi** bisobanuye umuntu udafitanye isano n'abana bose bahabwa serivisi zo kwitabwaho wahawe akazi n'Utanga serivisi akabihemberwa(harimo abatanga amasezerano y'akazi bigenga) bafite ibikorwa birimo kwita ku bana cyangwa ubugenzuzi bw'abana cyangwa se mu buryo butagenzwe bakaba babasha kugera ku bana bitabwaho cyangwa bagenzurwa n'Utanga serivisi.
51. **Ibaruwa yo kwemererwa y'umukozi** bisobanuye ibaruwa yoherajwe n'Ishami ku muntu urebwa n'isuzuma ry'amateka yaranze umuntu (harimo abagize umuryango, bafite imyaka 18 no hejuru yayo) imenyekanisha imimerere y'itoranywa, igaragaza ishingiro rigaragaza igihe umuntu atujuje ibisabwa, kandi igatanga amakuru yerekeye uburenganzira bw'umuntu bwo kujurira.
52. **Pisine** bisobanuye ikinogo cyuzuyemo amazi, kiri imbere mu nzu cyangwa hanze, cyagenewe kogerwamo cyangwa ibikorwa byo kwidagadura, kandi kikagira ubujyakuzimu burenze inci (24") kuri buri ruhande.
53. **Igitambambuga** bisobanuye Umwana ufite amezi 13 kugeza kuri 36 y'ubukure.
54. **Ikintu gifite uburozi** bisobanuye ikinyabutabite cyangwa uruvange bishobora kwangiza ibidukikije n'ubuzima bw'umuntu igihe bihumetswe, bimizwe, cyangwa byinjiye mu ruhu, harimo ariko bitagarukira ku nzoga, ibigemurwa bikora isuku, imiti yica udukoko, n'imiti ishongesha.
55. **Imbuzi zerekeye Umutekano ku rwego Mpuzamahanga** bisobanuye uburyo bwo gukumira ubwandu aho amaraso yose y'abantu n'amwe mu matembabuzi y'umubiri w'umuntu bifatwa nk'ibizwiho kwanduza HIV (Virusi itera sida), HBV(Virusi itera Epatite B), n'izindi ndwara zandurira mu maraso.
56. **Ibituma usonerwa** bisobanuye uruhushya rwanditse ruturutse mu Ishami ruhindura ingingo y'iri tegeko.
57. **Pisine y'abana** bisobanuye pisine ifite urugero rw'amazi rutarenga inci 24 cyangwa ziri muni kandi ntizirenge fiti 4 z'umurambararo. Iyi pisine ntisaba akayunguruzo kandi ishobora kutagira amazi ashirwamo imiti yo kuyasukura.

58. **Umukozi wa Pisine y'abana** ni umuntu uba ufite icyemezo gifite agaciro cyo gutanga Ubutabazi bw'Ibanze ku bantu Bakuru n'Abana n'icyemezo cya CPR(Ubumenyi bwo gukangura umutima n'ibihaha) kandi akaba ashinzwe kugenzura Abana muri Pisine y'abana nk'uko byasobanuwe hejuru.
59. **Ibikorwa bibera mu mazi** bisobanuye ikoreshwa rya pisine zagenewe guterana amazi, Pisine z'abana, na Pisine zifite cyangwa zidafite kanyereza, n'ubundi bwoko bw'amazi bimeze kimwe harimo ibizenga, imigezi, n'inyanja, hatarimo ameza abana buzuzamo amazi n'ibyuma byifashishwa mu kuhira.
60. **Umukozi ushinzwe umutekano wo mu mazi** bisobanuye umuntu ushinzwe gucunga abana bitabiriye ibikorwa bibera mu mazi wasoje isomo ryemewe n'Ishami ry'iby'ibanze ku mutekano wo mu mazi rikubiyemo amahugurwa yitabiriwe mu myaka itatu ishize kuri tekhnike zo gutabara umuntu udashobora koga.

IGICE CYA 2. IBISABWA NGO HATANGWE ICYEMEZO N'UKO BIKORWA

A. Gutanga icyemezo

1. Nta muntu ukwiye gutanga serivisi zita ku bana barenze babiri(2) batari abana b'Utanga serivisi, cyangwa badatuye mu rugo rw'uwo muntu, nta cyemezo cyatanzwe n'Ishami rifite ububasha bwo gutanga uburenganzira bwa bene iyo mikorere, hubahirizwa 22 M.R.S. §8301-A (3).
2. Utanga serivisi agomba kugaragaza ibikurikira, aho biboneka ku buryo bworoshye, mu Nyubako zitangirwamo serivisi:
 - a. Icyemezo gifite agaciro cyatanzwe n'Ishami;
 - b. Ibyavuye mu bugenzuzi buheruka, bigaragaza kurenga kuri iri tegeko mu buryo ubwo ari bwo bwose;
 - c. Ibikorwa ibyo ari byo byose bigamije kubahiriza itegeko, harimo Gahuda y'ibikorwa iyobowe cyangwa Icyemezo uhabwa ari uko wubahirije ibisabwa n'
 - d. Andi mamenyeshayoari zo yo yose cyangwa guhererekanya ubutumwa bisabwa n'Ishami ko bigaragazwa, harimo ariko bitagarukira ku bisubizo by'isuzuma ry'amazi cyangwa isuzuma iryo ari ryo ryose ry'ibyateza amakuba.
3. Ishami rizashyira raporo z'ubugenzuzi ku rubuga aho zizabonwa na buri wese, mu gihe cy'imyaka itatu.
4. Ibyemezo bigira agaciro gusa mu Nyubako zitangirwamo serivisi byatangiwe. Igihe Utanga serivisi yimukiye ahandi, Icyemezo gishya kigomba gutangwa mbere yo gukora.
 - a. Icyemezo ntigishobora kuva k'Utanga serivisi kijya ku wundi, kuva ahantu hamwe kijya ahandi, cyangwa kuva kuri nyir'ikintu kijya ku wundi.
 - b. Mu gihe hari ibibaye bitunguranye, nk'inkongi y'umuriro, bigatuma ahantu hemejwe hadaturwa, Utanga serivisi ashobora kuzitangira ahandi hantu hemejwe n'Ishami, hagendewe kuri Gahunda y'Ishami ry'Ubuzima na Serivisi zita ku Baturage, Serivisi zo kwita ku Bana mu bihe Bisaba ubutabazi bwihutirwa, Verisiyo 1.3, ku wa 6 Ugushyungu 2018.
 - c. Ahandi hantu hagomba kwemezwa n' Ibiro bya Leta bishinzwe gukumira inkongi y'umuriro cyangwa ishami rishinzwe ibibazo by'umuriro utanga serivisi abarizwamo mbere yo gutanga serivisi zo kwita ku mwana.
5. Ntaw'Utanga serivisi uzita ku baba barenze ubushobozi yaherewe icyemezo. Abatanga serivisi bagomba kwita ku bana bari mu kigero cy'imyaka baherewe Icyemezo kandi ku mpuzandengo y'abakozi bita ku Bana kuri ibyo bigero by'imyaka.
 - a. Impinduka mu bushobozi cyangwa ikigero cy'imyaka bishobora gukorwa ku cyemezo cy'Ishami, kandi igihe ari ngombwa, byemejwe n'iyubahirizwa ry'amategeko y'imbere n'Ibiro bya Leta bishinzwe gukumira inkongi y'umuriro.
 - b. Icyemezo gishobora kuvugururwa cyangwa kongera gutangwa cyangwa kugabanya umubare w'abana bemewe cyangwa guhindura icyiciro cy'imyaka y'abana bashobora kwitabwaho n'Utanga serivisi.
6. Inzu zo mu Nyubako zitangirwamo serivisi zimwe n'aho Uwandika asaba icyemezo atuye zishobora guhabwa icyemezo cyo kwita ku bana mu muryango.

- B. Ibyo Utanga ubusabe agomba kuba yujuje.** Utanga ubusabe agomba kugaragaza ubushake bwe n'ubushobozi bwo gukora no kugenga serivisi zo kwita ku mwana mu muryango akoresheje imitekerereze iranga umuntu mukuru, ufiteye abana umutima w'impuhwe no kubahiriza aya mabwiriza n'amategeko y'ingenzi.

C. Ubusabe

1. Ubusabe bw'Icyemezo cy'ibanze bugomba gushyikirizwa Ishami ry'Ubuzima na Serivisi zo kwita ku baturage, ku mafishi yatanzwe n'Ishami, kandi amafaranga asabwa mu Gice cya 3 cy'iri Tegeko agomba kuba akubiyemo.
 - a. Sheki igomba kwishyurwa Umubitsi, Leta ya Maine, kandi amafaranga yishyuwe ntasubizwa.
 - b. Ubusabe butuzuye budafite icyabukozweho n'Usaba icyemezo buzata agaciro nyuma y'iminsi mirongo itandatu (60).
 - c. Icyemezo kigomba gutangwa mbere y'uko Utanga serivisi atangira guha abana serivisi zo kubitaho ku manywa.
2. Nibura iminsi mirongo itandatu (60) mbere y'uko Icyemezo gita agaciro, Utanga serivisi agomba gutanga ubusabe n'amafaranga asabwa ngo icyemezo cyongererwe agaciro bigashyikirizwa Ishami ku rupapuro rwatanzwe n'Ishami, ruherekewe n'amakuru yose uko asabwa. Gutangira ku gihe ubusabe bwo kongerera igihe cyemezo ni inshingano z'Utanga serivisi.
3. Ishami rikimara kwakira no gusuzuma ubusabe no kugaragaza iyubahirizwa ry'amategeko y'ingenzi, rizongera agaciro k'Icyemezo kangana n'imyaka ibiri (2), keretse ribonye impamvu zihariye kandi zifatika zaba izo kwanga ubusabe bwo kongerasha agaciro cyangwa kongera agaciro k'Icyemezo cy'igihe gito cyangwa bifite ibigomba gukurikiziwa.
4. Iyo ubusabe bwo kongerasha agaciro bukoze ku gihe, Icyemezo gisanzweho gikomeza gukoreshwa kugeza hafashwe icyemezo cya nyuma cyo kucyongerera agaciro.
5. Uwandika asaba icyemezo agomba gusoza amahugurwa yemewe n'Ishami nk'uko bisabwa n'Igice cya 8 cy'iri tegeko.
6. Nta cyemezo kizahabwa Uwandika asaba icyemezo ufite Icyemezo ngo atange serivisi zo kwita ku Bana badasanganywe igihamba cy'Ishami.
7. Ibindi byemezo byose byerekeye ubucuruzi bukorerwa mu rugo bigomba kumenyeshwa Ishami igihe cyo gutanga ubusabe, cyangwa mbere yo gufungura ubucuruzi bushya.
8. Utanga serivisi agomba kubahiriza ibisabwa n'Ibiro bya Leta bishinzwe gukumira inkongi, Ishami rishinzwe Umutekano wa Rubanda.
 - a. Ishami rigomba kwakira inyandiko, itangwa kabiri mu mwaka n'Ibiro bya Leta bishinzwe gukumira inkongi y'umuriro, igaragaza ko Utanga serivisi yubahirije ibisabwa by'amategeko akurikizwa yerekeye umutekano w'inkongi y'umuriro yatanzwe na Komiseri ushinze Umutekano wa Rubanda.
 - b. Nta cyemezo kigomba gutangwa kugeza Utanga serivisi atsinze ku buryo bushimishije ubugenzuzi bwerekeye umutekano w'inkongi y'umuriro no gukumira inkongi y'umuriro.
 - c. Utanga serivisi agomba kubona igihamba kivuye mu Ishami rya Maine rishinzwe Umutekano wa Rubanda, Ibiro bya Leta bishinzwe gukumira inkongi y'umuriro cyangwa ubishinzwe, bigaragaza by'umwihariko aho serivisi zita ku bana zikwiye gutangwa (ibyumba byubatse mu bujya kuzimu, ibyumba byihariye, n'ibyumba biri ku murongo wa kabiri cyangwa wo hejuru, harimo ikumirwa iryo ari ryo ryose ku myaka y'abana).
 - d. Ubundi bugenzuzi bw'umutekano kunkongi y'umuriro rigomba gukorwa igihe uburyo bwo kuzana ubushyuhe buhinduwe, igihe habayeho impinduka z'ingenzi mu miterere y'Inyubako zitangirwamo serivisi, na mbere yo gukoresha ibyumba bishya mu Nyubako itangirwamo serivisi. Utanga serivisi

afite inshingano zo kumenyesha Ishami impinduka zose zisaba ubugenzuzi mu minsi 10 mbere yo kubaka.

9. Utanga serivisi agomba gushyiraho no gukomeza kubahiriza ibisabwa gukosorwa byose, ibibujijwe, cyangwa ibigomba gukurikizwa byagaragajwe n'Ishami rya Maine rishinzwe Umutekano wa Rubanda, Ibiro bya Leta bishinzwe gukumira inkongi y'umuriro cyangwa ubishinzwe muri Gahunda yo Gukosora ikomoka ku byagaragajwe bitatunganyijwe mu gihe cy'ubugenzuzi bw'umutekano w'inkongi y'umuriro, mu bihe byagaragajwe.
10. Utanga serivisi agomba kurinda, mu nyandiko, igihama cy'ukodesha inzu ku nzu iyo ari yo yose ikodeshwa cyangwa umwanya ukodeshwa ngo ukodeshwe n'Utanga serivisi zo kwita ku bana mu muryango.

D. Isuzuma ry'amateka yaranze umuntu. Abatanga serivisi, Abakozi n'Abagize umuryango bafite imyaka iri hejuru ya 18 bagomba kubahiriza ingingo zose zerekeye 10-148 C.M.R Ch. 34 Itegeko rigenga uburyo bwo gutanga icyemezo hakozwe isuzuma ryimbitse ry'Utanga serivisi zo kwita ku bana.

1. Igihe amakuru atuma umuntu atemerwa abonetse hamwe mu ho yanditse, ububiko, ububiko bwo kuri mudasobwa busabwa mu isuzuma ryimbitse ry'Utanga serivisi cyangwa Ugize umuryango cyangwa iyo uwo Utanga serivisi cyangwa Ugize umuryango hari ubundi buryo butuma adatoranywa kuko yanze kwemera isuzuma ryimbitse cyangwa kuvuga amagambo y'ibinyoma yerekeye ibikoresho afitanye isano n'iryo suzuma ryimbitse abizi, nta Cyemezo kizahabwa uwo Utanga serivisi.
2. Ntaw' Utanga serivisi uzaha akazi Umukozi utashyikirije Utanga serivisi Ibaruwa yo Kwemerwa igaragaza ko Umukozi yujuje ibisabwa, cyangwa ngo atume umuntu wese uzwi n'Utanga serivisi atemerwa hagendewe ku Itegeko ryo kubasha kubona Umwana witabwaho n'Utanga serivisi.

E. Ibituma usonerwa Ishami rishobora kuvanaho cyangwa guhindura ingingo iyo ari yo yose y'iri tegeko, keretse ingingo yarashyizweho n'icyemezo cya Leta cyangwa Igihugu, nk'uko bivugwa mu Gice cya 20 cy'iri Tegeko.

F. Ubwoko bw'Icyemezo n'igihe kimara. Ubwoko n'imiterere y'Icyemezo cyatanzwe n'Ishami bigomba kubahiriza ingingo z'iri tegeko.

1. Icyemezo cy'agateganyo kizatanga n'Ishami gihabwe Uwagisabye wujuje ibisabwa bikurikira, hagendewe kuri 22 M.R.S. §7802(A):
 - a. Atarakoze nk'Utanga serivisi zo kwita ku bana mu muryango muri Maine, cyangwa ngo abe yarimukiye ahantu hashya, cyangwa yarafunze porogaramu ikaba irimo kongera gufungurwa.
 - b. Yubahiriza amategeko yose akurikizwa n'amategeko agenga Icyemezo cy'agateganyo; kandi
 - c. Yerekana ubushobozi bwo gukurikiza amategeko akoreshwa n'amategeko igenga Uruhushya rwa burundu.
 - d. Icyemezo cy'agateganyo cyanditse gishobora gutangwa kikamara igihe kitari muni y'amezi atatu (3) kandi atarenze amezi cumi n'abiri(12).
2. Icyemezo cyuzuye kizatanga n'Ishami gihabwa Uwanditse agisaba wujuje ibisabwa byasobanuwe n'iri tegeko. Icyemezo cyuzuye kizatanga kimare imyaka ibiri(2).
3. Icyemezo cyanditse gitangwa ari ukohari ibibanje kubahirizwa gishobora gutangwa igihe Ishami rigaragaje ko Utanga serivisi atabashije kubahiriza amategeko y'ibisabwa n'amategeko asanzwe. Icyemezo gitangwa ari uko hari ibibanje kubahirizwa kigomba kugaragaza neza ikosora rigomba gukorwa n'itariki ntarengwa ya buri kosora.
 - a. Icyemezo gitangwa ari uko hari ibibanje kubahirizwa kizatanga kimare igihe cyihariye kitarenze amezi cumi n'abiri (12), cyangwa igice gisigaye Icyemezo cyuzuye kigomba kumara, icyo ari cyo

cyose Ishami rigaragaje nk'igikwiye hashingiwe ku kutubahiriza amategeko yasobanuwe mu Gahunda y'Ibikorwa Iyobowe.

4. Igihe Utanga serivisi ateguye kwimukira ahandi, Utanga serivisi agomba gutanga ubusabe bw'Icyemezo cy'ahantu hashya. Icyemezo cy'igihe gito gishobora gutangwa n'Ishami ku hantu hashya iyo:
 - a. Ibisabwa byose bikurikizwa byasobanuwe muri iri tegeko byubahirijwe, keretse ubugenzuzi cyangwa ikindi gikorwa cy'ikigo cya leta cyangwa uwasinye amasezerano muri icyo kigo byasabwe n'iri tegeko byatinze; kandi
 - b. Nta gikorwa cyangwa kuba nta cyakozwe n'Uwandika asaba icyemezo byatumye habaho gutinda kugaragara bikozwe n'icyo kigo cya leta cyangwa uwasinye amasezerano muri icyo kigo.
 - c. Icyemezo cy'igihe gito kizatangwa kigire agaciro mu gihe cyagenwe, kitarenze amezi atandatu.

G. Ubuyobozi.

1. Utanga serivisi agomba kuba afite kopi iri hafi y'iri tegeko mu Nyubako zitangirwamo serivisi kandi agomba gutuma ibonwa n'umuntu wese igihe ayisabye.
2. Utanga serivisi agomba kwemerera Ababyeyi b'Umwana/Abarezi bemewe n'amategeko uburyo budakumiriwe bwo gusura Umwana, kugenzura porogaramu igihe cyose Umwana ahari no gutanga amahirwe yo kwitabira ibikorwa.
 - a. Utanga serivisi agomba guhana amakuru n'Ababyeyi b'Umwana/Abarezi bemewe n'amategeko yerekeye Umwana inshuro bikwiye ku birebana n'imyaka n'imikurire y'Umwana.
 - b. Utanga serivisi agomba kugira inama Ababyeyi b'Umwana/Abarezi bemewe n'amategeko mbere yo kujyana Umwana mu ngendoshuri kandi agomba gusaba Ababyeyi/Abarezi bemewe n'amategeko uruhushya rwanditse.
 - c. Utanga serivisi agomba kuboneka mu buryo butaziguye kuri telefone igihe cyose Ababyeyi b'Umwana/Abarezi bemewe n'amategeko bamuhamagaye Umwana ahari.
 - d. Utanga serivisi agomba kugira inama Ababyeyi b'Umwana/Abishingizi bemewe n'amategeko mbere yo kwemerera Umwana kwitabira igikorwa icyo ari cyo cyose cyo ku rwego rwo hejuru; urugero, koga muri pisine, kugenda ku ndogobe, cyangwa gukoresha urwicundo.
3. Utanga serivisi agomba gushishikaza Ababyeyi/Abarezi bemewe n'amategeko gusura Utanga serivisi zo kwita ku bana mu muryango mbere yo kwakirwa.
4. Kopi y'agatabo gakubiyemo amabwiriza k'Utanga serivisi kazaboneka ku Babyeyi cyangwa Abarezi bemewe n'amategeko bose igihe cyo kwiyandikisha. Agatabo gakubiyemo amabwiriza karimo, nibura:
 - a. Imyaka y'abana bahabwa serivisi;
 - b. Amasaha yo gukora na gahunda y'umunsi;
 - c. Umubare w'abana bahabwa serivisi;
 - d. Ibyo kwibandaho byihariye niba ari ngombwa, nk'ibyo kwibandaho mu kwiga, ibyo kwibandaho mu iyobokamana, uburo bwo kwigisha hakoreshejwe ivumburamatsiko, ibikorwa bya nyuma yo kwiga, imyidagaduro yo mu mpeshyi, ahantu ho kwigishiriza, n'ibindi;
 - e. Amahirwe yo kugira uruhare kw'Umubyeyi/Umwishingizi;
 - f. Ubusobanuro bw'uburyo bwo kuyobora Umwana bwakoreshejwe n'Abakozi;

- g. Serivisi zitangwa, nka: kwita ku mwana by'ibanze, kwita ku bana bafite ibyo bakeneye byihariye, kwita ku mwana ku buryo budahoraho, kwita ku mwana mbere y'uko atangira ishuri, kwita ku mwana ufite imyaka yo kujya ku ishuri, n'ibindi;
 - h. Amafaranga yishyurwa (niba hari ahari) harimo amande yo gukererwa kuza gucyura Abana;
 - i. Politiki y'ibiruhuko;
 - j. Ingingo z'amasezerano y'imikoranire ayo ari yo yose cyangwa amasezerano yo gusimbuza;
 - k. Uburenganzira bw'Abana;
 - l. Uburyo bwo gukora mu bihe bisaba ubutabazi bwihutirwa n'amakuru ku kwimuka;
 - m. Ibitegetswe byo kumenyekanisha icyabaye kidasanzwe no kumenyekanisha Ihohoterwa ry'Umwana cyangwa Kumurangana;
 - n. Iyirukana n'isubika ry'imikorere;
 - o. Kugenzura uburwayi bwandura;
 - p. Gutanga imiti;
 - q. Indangaminsi y'umwaka igaragaza iminsi yo gufunga (niba ari ngombwa)
 - r. Ibikoresho bihari byo gusuzuma imikurire; no
 - s. Kumenyekanisha urupfu rw'Umwana n'igikomere gikanganye.
5. Utanga serivisi zo kwita ku mwana mu muryango agomba gukora ku buryo Abakozi bose bahugurwa mu buryo bukwiye kandi/cyangwa bagira ubunararibonye buhagije bwo guha Abana bose bashinzwe ibyo bakeneye, uko ibyo bakeneye bigenda biza.
6. Uretse uko byasobanuwe n'itegeko, amakuru y'ibanga ntagomba gutangazwa hatabayeho ibwiriza ry'urukiko cyangwa uburenganzira bwo kuyatangaza mu nyandiko bwatanzwe n'Umubyeyi cyangwa Umwishingizi wasabwe amakuru y'ibanga. Amakuru akurikira ni ay'ibanga.
- a. Amakuru yose ku mwana.
 - b. Amakuru yose ku bakozi, agomba gutangwa n'Ishami igihe asabwe.
 - c. Amakuru agaragaza, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, uwo barangiyeye, uwatanze ikirego, cyangwa umenyekanisha Ihohoterwa rikorerwa Umwana cyangwa kumutererana, na/cyangwa kutubahiriza itegeko bikekwa.
 - d. Amakuru yerekeye abana bitabwaho (cyangwa bitaweho mu gihe cyashize). Aya makuru ashobora guhishurwa gusa igihe Umwishingizi atanze uburenganzira mu nyandiko, keretse hari ukundi byasobanuwe n'itegeko, kandi agomba gusangirwa n'Ishami n'Ibigi bishinzwe gushyira abana mu myanya bibifitiye icyemezo hashingiwe kuri 22 MRS Igice cya 1671, igihe bisabwe.
7. Utanga serivisi agomba kugumana igitabo cy'abakozi kigaragaza ibikurikira:
- a. Politiki n'uko zishyirwa mu bikorwa. Aha hagomba kubamo, nibura, politiki z'ibikurikira:
 - i. Ibitegetswe kumenyekanishwa,
 - ii. Kuyobora umwana,

- iii. Uburwayi bw'umwana,
 - iv. Uburyo bwo guhangana n'inkongi y'umuriro,
 - v. Uburyo bwo gutanga ubutabazi bwihutirwa no guhangana n'ibiza,
 - vi. Urwego rw'ubumenyi bw'abakozi n'amahugurwa,
 - vii. Ubugenzuzi bw'Abakozi/Abimenyereza umwuga
 - viii. Kumenyekanisha kutubahiriza amategego agenga icyemezo,
 - ix. Imikorere idaheza Abana bafite ubumuga,
 - x. Politiki yo gusinzira mu mutekano,
 - xi. Kumenyekanisha igikomere gikanganye cyangwa urupfu rw'Umwana,
 - xii. Gukumira Iyirukana n'isubika,
 - xiii. Ubusemuzi ku Biga Ururimi rw'Icyogereza,
 - xiv. Kurekura abana, no
 - xv. Gutwara abana(niba ari ngombwa).
8. Utanga serivisi agomba kugira politiki yanditse yo gukemura ibibazo byose bijyanye n'Ihohoterwa ry'Umwana cyangwa kumutererana nk'uko itegeko rya Maine ribivuga. Politiki yanditse igomba kuba ikubiyemo, ariko bitagarukiye ku bikurikira:
- a. Uburyo bw'imenyekanisha ry'imbere mu kigo ry'Ihohoterwa cyangwa Kuranganwa byaketswe,
 - b. Ibihe bisaba imenyekanisha ry'imbere mu kigo ry'Utanga serivisi,
 - c. Ibisabwa ko Ihohoterwa ryose cyangwa Kuranganwa byaketswe bigomba guhita bimenyekanishwa n'utanga serivisi,
 - d. Ibisabwa ko Ihohoterwa ry'Umwana cyangwa Kumutererana byaketswe bigomba guhita bimenyekanishwa hifashishijwe umurongo utishyuzwa w'Urwego rushinzwe Kurengera Umwana,
 - e. Kugaragaza abakozi bashinzwe guhamagara umurongo utishyuzwa w'Urwego rushinzwe Kurengera Umwana,
 - f. Amasezerano yo kumenyeshya abantu bose b'ingenzi(Ababyeyi, Abakozi, Abimenyereza umwuga, cyangwa Abagize umuryango) baketswe Ihohoterwa ry'Umwana cyangwa kumutererana byamenyeshajwe Urwego rushinzwe Kurengera Umwana,
 - g. Kurangiza raporo z'ibyabaye bidasanze, harimo: Amakuru arambuye y'ikirego cyangwa igicyekwa, itariki Urwego rushinzwe Kurengera Umwana rwahamagariwe, Abakozi na/cyangwa abimenyereza umwuga bamenyeshajwe ko raporo yakozwe, kandi niba Umubyeyi/Umwishingizi yamenyeshajwe ikirego cyangwa atarakimenyeshajwe, n'
 - h. ubutumwa bumenyeshya umubyeyi, harimo kugaragaza ukuntu n'amakuru bizasanzwe Umubyeyi/Umwishingizi igihe Urwego rushinzwe Kurengera Umwana rwahamagawe.
9. Utanga serivisi agomba gukora politiki yanditse igomba gukurikizwa igihe ikirego cy'Ihohoterwa ry'Umwana cyangwa Kumutererana kirezwe Utanga serivisi, Umukozi runaka, cyangwa Ugize

umuryango mu rugo rw'Utanga serivisi. Politiki yanditse igomba kuba ikubiyemo ariko bitagarukiye ku bikurikira:

- a. Ingamba z'ikumira zigamije kurinda abatanga serivisi ibirego bishobora kubaho;
 - b. Ibigomba kubahirizwa mu gukomeza gutanga akazi no kubasha kugera ku Bana mu gihe Ishami rikora iperereza;
 - c. Impamvu zishingirwaho ngo ibintu biseswe;
 - d. Ibisabwa mu kumenyekanisha Ihohoterwa ry'Umwana cyangwa Kumutererana byaketswe kuba ahantu runaka nk'uko biri mu itegeko; n'
 - e. Ubutumwa bumenyeshya umubyeyi.
10. Utanga serivisi agomba gufata inshingano z'ibikorwa bya buri muni by'Utanga serivisi hubahirizwa iri tegeko. Iyo Utanga serivisi adahari, Umukozi banganya ubumenyi agomba guhabwa inshingano n'ububasha bwo kuyobora porogaramu hubahirizwa iri tegeko.
 11. Utanga serivisi agomba kwiyandikisha muri Sisitemu Ishinzwe Gusuzuma Ireme no Kurivugurura muri Maine.

IGICE CYA 3. AMAFARANGA YISHYURWA

A. Amafaranga yishyurwa

1. Amafaranga yishyurwa ku cyemezo agomba gutanganwa na buri busabe bw'Icyemezo, nk'uko bisabwa n'Ishami.
2. Amafaranga yishyurwa ku cyemezo ntasubizwa.
3. Amafaranga yishyurwa ku busabe bw'icyemezo no kucyongerera agaciro azashyirwaho hashingiwe ku busesenguzi bw'ibiciro by'Ishami byashyiriweho gutanga icyemezo. Amafaranga yishyurwa ntazarenga igiciro cyashyiriweho gutanga icyemezo.
4. Kunanirwa gutangira ku gihe ubusabe bizatuma icyemezo gita agaciro.
5. Sheki igomba kwishyurwa Umubitsi, muri Leta ya Maine.
6. Amafaranga yishyurwa ku busabe bw'Icyemezo cy'agateganyo ni \$80.00.
7. Amafaranga yishyurwa ku busabe bw'Icyemezo cy'igihe gito ni \$10.00.
8. Amafaranga yishyurwa ku busabe bw'Icyemezo cyuzuye cyangwa kucyongerera agaciro mu myaka ibiri ni \$160.00.

- B. Impinduka ku Cyemezo.** Amafaranga yishyurwa ngo hatangwe icyemezo cyavuguruwe ni \$10.00. Ubusabe bwo kuvugurura icyemezo ni ngombwa igihe usaba ashaka kongera ubushobozi bw'icyemezo cyangwa usaba ashaka icyemezo cyo kubaka, cyangwa sisitemu izana ubushyuhe ishaka gusimburwa.

IGICE CYA 4. UBUGENZUZI N'IPEREREZA

- A. Ubugenzuzi.** Ishami muri rusange rikora ubugenzuzi butunguranye aho bugomba kubera. Ishami rishobora gukora ubugenzuzi inshuro nyinshi ku cyemezo cyaryo hashingiwe ku buryo Utanga serivisi yubahiriza iri tegeko Ubugenzuzi bukorwa kenshi bukunda gukorwa mu bihe bikurikira:
1. Mu gihe cyo gutanga ubusabe no mu mezi make ya mbere yo guhabwa icyemezo,
 2. Ku mwaka, nyuma y'itariki yo gutanga icyemezo kibanza,
 3. Igihe Utanga serivisi yasabye impinduka ku Cyemezo;
 4. Guperereza ikirego cyo kutubahiriza itegeko, cyangwa ikirego cy'Ihohoterwa cyangwa Kurangarwa byaketswe.
 5. Kugira ngo hagaragazwe iyubahirizwa rya Gahunda y'Ibikorwa Iyobowe, cyangwa kugaragaza niba ibitaratunganyijwe byavuzwe byarakosowe.
- B. Uburenganzira bwo kwinjira.** Ishami rishobora kwinjira mu Nyubako zitangirwamo serivisi z'umuntu watanze raporo ko akora nta Cyemezo, hashingiwe kuri 22 M.R.S. §7702-B (7).
1. Ishami n'umukozi washyizweho byuzuye cyangwa umukozi w'Ishami bafite uburenganzira bwo kwinjira mu Nyubako zitangirwamo serivisi z'umuntu utanga serivisi zo kwita ku bana bitari ngombwa ko abihirwa uruhushya bitwaje icyemezo gitangwa n'ubuyobozi kibaha ububasha bwo gukora ubugenzuzi cyatanzwe hashingiwe ku Mikorere y'Amategeko y'Imbonezamubano yo muri Maine, Itegeko rya 80E, n'Urukiko rw'Ifasi mu gihe gikwiye kandi, byasabwe, bafite uburenganzira bwo gukora ubugenzuzi no gufotora ibitabo ibyo ari byo byose, amakuru ku mafaranga yishyurwe, impapuro, amakuru abitswe n'izindi nyandiko mu rwego rwo kugaragaza uko iki gice cyubahirijwe. Hashingiwe ku Mikorere y'Amategeko y'Imbonezamubano muri Maine, Itegeko rya 80E uburenganzira bw'Ishami bwo kwinjira no gukora ubugenzuzi bushobora kurenga Inyubako zitangirwamo serivisi izo ari zo zose n'inyandiko z'umuntu, ikigo, ubufatanye, ishyirahamwe, ikigo cy'ubucuruzi cyangwa urundi rwego Ishami rifite impamvu zo kwizera ko bikora nta Cyemezo.
 2. Umuntu udafite icyemezo cyangwa umuntu utangirwamo serivisi zo kwita ku bana iwabo ashobora kutitambika, cyangwa ngo akumire, ibazwa ry'abakiriya ba serivisi zo kwita ku bana bikoze n'Ishami.
- C. Ibice bigize ubugenzuzi.** Mu rwego rwo kugaragaza uburyo bwo kubahiriza iri tegeko, Utanga serivisi agomba gutanga uburyo bwo kugera ku makuru yose n'igice icyo ari cyo cyose cy'Inyubako zitangirwamo serivisi zirimo cyangwa zikoreshwa n'Abana.
1. Ishami rishobora kuvugisha Abana, Ababyeyi, Abatanga serivisi, n'Abakozi mu gihe cy'ubugenzuzi.
 2. Ishami rishobora gufotora igice icyo ari cyo cyose cy'Inyubako zitangirwamo serivisi cyangwa gufata amakuru y'inyandiko hakoreshejwe amafoto. Ishami rizatanga kopi z'amafoto niribisabwa.
- D. Raporo y'ubugenzuzi.** Ishami rizandika kwica iri tegeko kose kwabayeho muri raporo y'ubugenzuzi kandi rizasobanura kwica itegeko kwagaragajwe igihe cyo gukora ubugenzuzi. Utanga serivisi ashobora gukosora kwica itegeko kwagaragajwe igihe cy'ubugenzuzi. Kwica itegeko kose kwagaragajwe ahakorewe ubugenzuzi kuzagaragazwa muri raporo y'ubugenzuzi. Utanga serivisi n'Ishami bazasinye kuri raporo y'ubugenzuzi igihe ibazwa rizaba rirangiye. Ishami rizaha Utanga serivisi kopi ya raporo y'ubugenzuzi igihe cy'ubugenzuzi.
1. Utanga serivisi n'Ishami bazagaragaza Gahunda y'Ibikorwa harimo igihe hazakosorwa kwica itegeko uko ari ko kose kudashobora gukosorwa igihe cy'ubugenzuzi. Niba Gahunda y'Ibikorwa idashobora kugaragazwa igihe cy'ubugenzuzi, Gahunda y'Ibikorwa igomba gushyirwaho n'Utanga serivisi n'Ishami mu gihe cy'iminsi itanu y'akazi y'ubugenzuzi.

2. Nyuma y'ubugenzuzi, Utanga serivisi agomba kugaragaza iyubahirizwa ry'iri Gahunda y'Ibikorwa yanditse. Kunanirwa kubahiriza iri gahunda y'Ibikorwa bizakurura ikindi gikorwa cyo gutuma rishyirwa mu bikora kizakorwa n'Ishami nk'uko bivugwa mu Itegeko, harimo ariko bitagarukira ku kuba Ishami ryatanga gahunda y'Ibikorwa Biyobowe.

E. Amaperereza. Ishami rizasubiza raporo zavuye kuri buri muntu urega kwica amategeko agenga itangwa ry'icyemezo cyangwa Ihohoterwa ry'umwana cyangwa Kumutererana.

1. Utanga serivisi n'Abakozi bagomba gukorana mu bice byose by'Iperereza ku birego by'Ihohoterwa cyangwa Kuranganwa, hagendewe kuri with 22 M.R.S. Ch. 1674. Imikoranire ikubiyemo ariko ntigarukiye ku bikurikira:
 - a. Abatanga serivisi ntibashobora kubuza abakozi b'Ishami kubariza mu muhezo Abakozi, abimenyereza umwuga, cyangwa Abagize umuryango;
 - b. Kwemera ibazwa ry'Abana mu muhezo, no kumenyesha ababyeyi, uretse aho iryo menyesha atari uburyo burusha ubundi bwo gushishikaza Umwana hagendewe kuri 22 MR.S. 354(2)(F)(2);
 - c. Gutanga amakuru y'uburyo bw'itumanaho ku miryango y'Abana banditswe ku busabe bw'Ishami;
 - d. Gutanga uburyo bwo kugera ku makuru y'Abana bose;
 - e. Gutanga uburyo bwo kugera ku makuru y'Abakozi b'ubu n'abo mu gihe cyashize, abimenyereza umwuga, cyangwa Abagize umuryango, harimo ariko uburyo bwo kugera ku makuru ariho amakuru y'igihe abakozi bagiye bagera ku kazi n'igihe bagiye batahira n'ibindi bikoresho bigaragaza imishahara yabo igihe bisabwe;
 - f. Gutanga uburyo bwo kugera kuri raporo zirimo amakuru ku Byabaye byose n'Impanuka zose; no
 - g. Kwemera uburyo bwo kugera ku bice byose by'Inyubako zitangirwamo serivisi, harimo imyanya idakoreshwa mu gutanga serivisi zo kwita ku bana.
2. Utanga serivisi ntagomba kwihimura ku watanze raporo uwo ari we wese cyangwa umuhagarariye kubera gutanga ikirego. Kwica itegeko mu buryo ubwo ari bwo bwose byagaragaye nk'igisubizo cy'iperereza ry'ikirego kizahabwa Utanga serivisi mu nyandiko.

IGICE CYA 5. GUCUNGA AMAKURU NO GUKOMEZA KUYABIKA**A. Gucunga amakuru.** Abatanga serivisi bagomba kubahiriza ibikurikira:

1. Kubika dosiye itandukanye ya buri Mukozi n'Umwana uhabwa serivisi. Aya makuru agomba kubikwa nibura mu myaka itatu nyuma y'uko Umwana avuye aho yitabwaho cyangwa Umukozi avuye ku kazi. Amakuru y'Umwana n'Abakozi agomba kuba ahari kugira ngo Ishami riyakorere ubugenzuzi.
2. Amakuru yose y'ubwitabire agomba kubamo itariki, umwaka, igihe cyo gutangira no gusoza ubwitabire bwa buri muni. Urutonde rugomba kuboneka kugira ngo Ishami rirukorere ubugenzuzi maze rubikwe ku rubuga mu myaka itatu.
3. Amakuru ku masaha yakozwe n'ibihe by'ikiruhuko Utanga serivisi cyangwa Abakozi batabasha gutanga serivisi zo kwita ku mwana kandi ba tabarwa mu mpuzandengo y'abakozi bita ku bana. Aya makuru agomba kuboneka kugira ngo ishami rikore ubugenzuzi maze abikwe ku rubuga mu myaka itatu.
4. Bika amakuru atandukanye ya raporo zose z'Ihohoterwa ry'Umwana cyangwa Kumurangerana byaketswe hagendewe kuri 22 MRS §4011-A.
5. Amakuru Kwitwoza gusohora abantu mu nzu mu gihe cy'inkongi y'umuriro yo mu myaka itatu ishize agomba kubikwa kugira ngo abashe gukorwaho ubugenzuzi n'Ishami ry'Ubuzima na Serivisi zita ku baturage, Ishami rishinzwe Umutekano wa Rubanda, Biro bya Leta bishinzwe gukumira inkongi y'umuriro, n'abagenzuzi b'inkongi y'umuriro mu gace.
6. Amakuru yerekeye inkongi z'ibisazi by'amatungo ku matungo yose ari mu Nyubako zitangirwamo serivisi.
7. Utanga serivisi ukoresha ibikorwa byo koga muri pisine no kugenda mu mazi bagomba kubika amakuru yanditse agaragaza, itariki, igihe n'igihe cy'amahugurwa yo ku buryo bwo gucunga umutekano wo mu mazi mu gihe hakenewe ubutabazi bwihutirwa n'imyitozo isabwa mu gice cya 15 cy'iri Tegeko.
8. Abatanga serivisi bagomba kwandika no gukurikiza politiki yo gucunga amakuru no gukomeza kuyakoreha, igomba kuba ikubiyemo ingingo zerekeye uburyo amakuru y'Umwana agerwaho n'Abishingizi bemewe n'amategeko.
9. Abatanga serivisi bagomba kubika amakuru asukuye, asomeka kandi apanze neza, mu buryo bworoshye kuyageraho.

B. Guhimba amakuru. Guhimba amakuru ni icyaha kiri ku Rwego rwa D muri 17-A MRS §453 kandi gishobora gutuma Ishami rigira icyo ribikoraho.**C. Ubugenzuzi bw'amakuru.** Abatanga serivisi n'Abakozi bagomba kugaragaza amakuru ku mpamvu z'ubugenzuzi iyo Ishami ribisabye.**D. Amakuru y'umwana.** Amakuru y'umwana agomba kuvugururwa buri mwaka kandi akabikwa mu buryo buri kuri gahunda.

1. Amakuru agomba kuzuzwa igihe cyo kwakira Umwana kandi akabikwa mu Nyubako zitangirwamo serivisi kuri buri Mwana wese witabwaho (harimo abo bafitanye isano) kandi agomba kuba akubiyemo:
 - a. Amazina, itariki y'amavuko, aderesi y'umuhanda na aderesi y'iposita by'Umwana;
 - b. Amazina, aderesi y'umuhanda, aderesi y'iposita na numero ya telefone y'umubyeyi/Ababyeyi cyangwa Umwishingizi/ Abishingizi;
 - c. Aho Umubyeyi/Ababyeyi bakorera cyangwa Umwishingizi/ Abishingizi, niba bafite akazi;

- d. Nomero ya telefone y'Abakoresha b'ubu b'Umubyeyi/Ababyeyi cyangwa / Abishingizi;
- e. Uburyo bwo kuvugana n'Umubyeyi/Ababyeyi cyangwa Umwishingizi / Abishingizi;
- f. Amazina, aderesi y'umuhanda na nomero ya telefone y'umuntu utari Umubyeyi/Ababyeyi cyangwa Umwishingizi/ Abishingizi bawe bashobora guhamagarwa igihe ababyeyi batabonetse mu gihe hakenewe ubutabazi bwihutirwa;
- g. Kopi y'amasezerano yerekeye amafaranga yagiranywe n' n'Umubyeyi/Ababyeyi cyangwa Umwishingizi wemewe n'amageteko/ Abishingizi bemewe n'amageteko;
- h. Amatariki yo kwiyandikisha no kurangiza amasezerano;
- i. Amakuru y'inkingo agomba kuba muri dosiye ya buri mwana uhabwa serivisi zo kumwitaho;
- j. Amazina na nomero za telefone z'umuganga w'Umwana n'umuganga w'amenyo w'umuryango. Niba nta muganga cyangwa umuganga w'amenyo wagaragajwe, bigomba gushyirwa ku ifishi irimo amakuru y'Umwana;
- k. Uruhushya rwasinywe rwo gutanga Imiti, niba ari ngombwa;
- l. Uruhushya rwasinywe rwo guhabwa ubuvuzi bwihutirwa;
- m. Amazina y'abantu bemerewe n'Umubyeyi/Ababyeyi cyangwa Umwishingizi wemewe n'amageteko/ Abishingizi bemewe n'amageteko gukura Umwana mu Nyubako zitangirwamo serivisi z'Utanga serivisi;
- n. Amakuru y'uwo munsu ku bikomere byose, harimo ibikomere bikanganye, Impanuka, n'Ibyabaye bidasanzwe cyangwa bikeneye ubutabazi bwihutirwa bihuye n'igihe n'itariki Umubyeyi cyangwa Umwishingizi yaherewe ubutumwa bumumenyesha mu magambo cyangwa mu nyandiko. Umukono w'Umubyeyi cyangwa Umwishingizi ugomba kuboneka muri raporo y'Icyabaye kidasanzwe mu masaha 48 kibaye;
- o. Amakuru yanditse y'impinduka z'ingenzi uko agaragara na/cyangwa isuku akihagera, cyangwa impinduka zigaragara mu myitwarire (nka: Ubwiyongere bwo gusagarira abandi, kwiheza, gukinisha imibonano mpuzabitsina, na/cyangwa umujinya umara igihe) n'ibindi bibazo by'ubuzima, niba bizwi;
- p. Ubwivumbure bw'umubiri buzwi n'ibindi bibazo by'ubuzima, harimo gahunda ku buzima byerekeranye nk'uko bikenewe,
- q. Andi makuru y'ingenzi y'ibikenewe mu buvuzi (urugero, gusinzira atitambitse), niba ari ngombwa;
- r. Inyandiko yemera yashyizweho umukono n'Umubyeyi cyangwa Umwishingizi n'amategeko ko agatabo karimo amakuru k'Utanga serivisi kakiriwe kandi kasomwe;
- s. Uruhushya rwashyizweho umukono rwo gukoresha cyangwa gukwirakwiza amashusho cyangwa amakuru bwite y'Umwana mu bitangazwa ibyo ari byo byose, imbuga nkoranyambaga, cyangwa ibikorehwa mu kwamamaza;
- t. Uruhushya rwashyizweho umukono n'Ababyeyi b'Umwana mbere yo kwemerera Umwana kwitabira igikorwa icyo ari cyo cyose kiri ku rwego rwo hejuru rwo guteza ibyago, harimo ariko bitagarukiye ku koga muri pisine, kugendera ku ndogobe no gukoresha urwicundo. Uruhushya rugomba kuvugururwa nibura buri mwaka, kandi rukagaraza ubwoko n'aho igikorwa kibera;
- u. Uruhushya rwanditse rwatanzwe n'Umubyeyi/Umwishingizi rw'ikoreshwa ry'amavuta arinda uruhu kubaburwa n'izuba; n'

v. Uruhushya ruriho umukono rwo gutwara Umwana, niba ari ngombwa.

2. Abatanga serivisi bagomba gushyira ibisobanuro byanditse mu makuru y'Umwana bisobanura impamvu amakuru asabwa abura.

E. Amakuru y'abakozi. Amakuru y'abakozi agomba kubikwa ku Bakozi bose.

1. Amakuru y'abakozi agomba kubikwa ahantu h'ibanga.

2. Amakuru y'abakozi agomba kubamo:

a. Amazina, umuhanda w'ubu na aderesi y'iposita, itariki y'amavuko na nomero ya telefone ikoreshwa;

b. Inyandiko z'amahugurwa,

c. Amatariki abakozi batangiriye akazi n'igihe bakaviriyeho. Impamvu zo kuva ku kazi zigomba kubikwa mu makuru y'abakozi nibura mu gihe cy'umwaka;

d. Inyandiko yashyizweho umukono n'Umukozi n'itariki, ihamya ko amategeko y'ubu agenga gutanga icyemezo yasomwe kandi asobanutse;

e. Inyandiko yasinyweho umukono n'Umukozi n'itariki, ihamya ko politiki zerekeye abakozi b'Utanga serivisi, politiki zo gutanga akazi, n'agatabo k'umubyeyi byasomwe kandi bisobanutse;

f. Inyandiko z'igikorwa icyo ari cyo cyose cy'imyitwarire;

g. Inyandiko z'isuzuma ry'amateka yaranze umuntu ryarangiyeho ikoze nk'Ibaruwa yo Kwemerwa y'Utanga serivisi, itangwa n'Ishami, isobanura ko Umukozi yujuje ibisabwa ngo ahabwe akazi.

3. Unga serivisi agomba gukora inyandiko ku murongo ngenderwaho n'amahugurwa y'Abakozi bose hakoreshejwe igihamya cyo gusozwa cyatanze n'urwego rubitiye ubushobozi rwo kuri interineti cyangwa imbona nkubone.

F. Abagize umuryango. Inyandiko y'isuzuma ry'amateka yaranze umuntu iri mu ishusho y'Ibaruwa yo kwemerwa y'Utanga serivisi cyangwa Umukozi igomba kuboneka kugira ngo isuzumwe ku mpamvu zo gutanga icyemezo kuri buri muntu uri muni y'imyaka 18 y'ubukure cyangwa uyirengeje kandi atuye mu Nyubako zitangirwamo serivisi, cyangwa ufite uburyo butagenzuwe bwo kugera ku Bana bitabwaho cyangwa bagenzurwa n'Utanga serivisi.

G. Amakuru ku kugira ubushobozi burenze. Utanga serivisi agomba kwandika amakuru y'Ishami, ibihe, impamvu n'umubare w'Abana bitabiriye iyo abana barenze 12 bitabwaho nk'uko biri mu Ngino ya 7 y'iri Tegeko.

H. Kubahiriza amategeko. Utanga serivisi agomba kugumana, no guha Ishami igihe ribisabye, inyandiko igaragaza ko Utanga serivisi yubahiriza kode y'aho akorera n'amabwiriza, harimo kubahiriza ibitegetswe mu gace abarizwamo, cyangwa inyandiko z'aho abarizwa zemeza ko icyemezo atari ngombwa.

IGICE CYA 6. IBISABWA MU GUTANGA RAPORO

- A. Impinduka zitangazwa n’Utanga serivisi.** Abatanga serivisi bagomba kumenyesha Ishami mu nyandiko impinduka iyo ari yo yose mu zikurikira cyangwa izabaye mu masa 24 ashize. Keretse hari ukundi bigaragajwe, raporo yanditswe igomba gushyikirizwa Inzobere mu bijyanye no guha icyemezo Utanga serivisi:
1. Gufunga byongerewe igihe cyangwa gufunga bya burundu n’itariki iteganyijwe yo gufunga.
 2. Impinduka izo ari zo zose kuri sisitemu izana ubushyuhe, ihinduranya iryo ari ryo ryose riteguwe, cyangwa gahunda zoze zo gukoresha umwanya usanzwe mu nyubako itaragenzuwe cyangwa ngo yemerwe. Ibi bikubiyemo impinduka zose zigaragara cyangwa zateguwe mu nyubako cyangwa mu bibuga twavuga nko, ariko bitagarukira ku guhindura pula, kuvugurura, guhindura imiterere y’ikibuga, cyangwa kubaka pisine;
 3. Impinduka zose ku makuru yerekeye numero za telefone cyangwa imeyili.
- B. Raporo itegetswe ku ikekwa ry’Ihohoterwa cyangwa Kuranganwa.** Utanga serivisi wese ukeka Ihohoterwa cyagwa Gutererana Umwana agomba guhita amenyekanisha aya maku ku Rwego rushinzwe Kurengera Umwana, 1-800-452-1999, TTY 1-800-963-9490 rukora amasaha 24 ku muni, iminsi 7 mu cyumweru.
1. Utanga serivisi agomba kugumana inyandiko, itari mu makuru y’Umwana, ivuga ko raporo yakozwe.
 2. Imenyekanisha ryose ry’Ihohoterwa ry’Umwana cyangwa Kumutererana byaketswe, n’ibikomere bikabije by’Umwana uri muni y’amezi atandatu y’ubukure cyangwa se utabasha kugenda, rigomba kubahiriza 22 MRS §4011-A.
- C. Kumenyesha Ishami ingaruka zatewe n’amazi yo kunywa.** Abatanga serivisi basabwa gusuzuma neza amazi yo kunywa nk’uko bivugwa mu Gice cya 13 cy’iri tegeko ko bagomba kumenyekanisha inzego zidashimishije z’ubuziranenge bw’amazi kuri Serivisi zishinzwe gutanga icyemezo cyo kwita ku Bana n’Iperereza zibarizwa mu Ishami mu masaha 24 uherye igihe ibisubizo byakiriwe.
- D. Gutaga raporo ku kunanirwa kubuza amazi kwandura.** Utanga serivisi agomba kumenyesha Ishami n’umugenzuzi w’ibikorwa by’amazi niba sisitemu yo kubika amazi yanduye idakora neza.
- E. Kumenyekanisha ibikorwa byo mu rwego rw’amategeko.** Utanga serivisi agomba kumenyesha Ishami, mu nyandiko, icyo ari cyo cyose mu birego bikurikira bireba Utanga serivisi, Umukozi, cyangwa Umuntu mukuru utuye mu Nyubako zitangirwamo serivisi mu masaha 24:
1. Ikirego cyose kitajyanye no kuba Utanga servise cyangwa Umukozi wita ku mwana.
 2. Ikirego cyose gishobora kubangamira gukomeza kwita ku mwana.
 3. Guta muri yombi, kuregwa icyaha, cyangwa gucirwa urubanza ku byaha bishingiye ku mibonano mpuzabitsinda cyangwa ubugizi bwa nabi bireba Abana cyangwa Abantu bakuru, cyangwa ibindi bikorwa byose binyuranyije n’amategeko bireba abana, urubanza rwaba rwaciwe cyangwa rutaciwe.
 4. Gutabwa muri yombi uko ari ko kose, kuregwa icyaha cyangwa guhanywa icyaha cyo gukoreshwa n’ibiyobyabwenge cyangwa urwego rurenze igipimo rwa alukolo mu maraso (OUI), cyangwa ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose cyo gukoresha ibiyobyabwenge.
 5. Iperereza rikorwa n’Urwego rwo Kurengera Umwana.
 6. Itegeko ry’urukiko ryo kuvana Abana k’Utanga serivisi zo kubitaho cyangwa aho baba.
 7. Itegeko ryo kurindwa ihohoterwa cyangwa irindi tegeko ryose rigaragaza ihohoterwa rikorerwa mu rugo cyangwa ubundi bugizi bwa nabi bubera mu muryango.

8. Ikirenze ku kumenyesha Ishami mu nyandiko kimwe mu birego biri hejuru, Utanga serivisi agomba guha Ishami inyandiko iha uburenganzira Ishami bwo kubona amakuru yerekeye ibirego byavuzwe hejuru aho byava hose.

F. Irindi menyekanisha. Utanga serivisi agomba kumenyesha Ishami ibikurikira mu masaha 24:

1. Impfu zose z'abana n'ibikomere bikanganye bisaba kuvurwa n'umganga ubifitiye icyemezo, nyuma y'ubutumwa bumenyesha ubutabazi bwihutirwa bwashyikirijwe umuganga n'Ababyeyi b'Umwana/Abishingizi;
2. Ibirego byose by'ihoterwa ryose ry'Umwana cyangwa Kumutererana bivuga Utanga serivisi cyangwa Umukozi wahujwe n'Utanga serivisi, hejuru yo kumenyesha uwo mwanya Urwego rushinzwe Kurengera Umwana bisabwa mu Gice cya 6(B) hejuru;
3. Imyitwarire y'Umwana ku mwana iganisha ku mibonano mpuzabitsina, kwigaragaza ku bushake cyangwa kuvugana ku bushake;
4. Kutubahiriza uburenganzira bw'Umwana mu buryo bwose biri ku rutonde mu Gice cya 10 cy'iri tegeko; cyangwa
5. Guhindura ahantu buteganyijwe mu buryo ubwo ari bwo bwose, harimo kwimuka by'agateganyo bitewe n'impamvu yihutirwa yatumye ahantu hatuwe hatangiwe icyemezo hahinduka ahatagomba guturwa. Iyo bibaye kwimuka burundu, Utanga serivisi agomba kumenyesha Ishami kandi agatanga ubusabe bw'icyemezo cy'ahantu hashya. Utanga serivisi agomba kudakora nk'Utanga serivisi zita ku Bana mu Muryango kugeza igihe Ishami rimuhereye icyemezo gishya cy'ahantu hashya.

G. icyo Ishami rikora kuri raporo. Mu gufata icyemezo ku cyo gukora ku icyemezo ku bimaze kuvugwa, Ishami rizemeza niba Utanga serivisi yatanze ibimenyetso bihagije agaragaza ko ibibazo byateye kimwe mu byavuzwe hejuru byakemuwe neza ku rwego Utanga serivisi azaba yujuje ibisabwa n'aya Mategeko.

**IGICE CYA 7. IMPUZANDENGO Y'ABAKOZI BITA KU BANA, UMUGENZUZI, N'IBISABWA
KUBAHIRIZWA**

- A. Abana bari muni y'ibyumweru bitandatu by'ubukure.** Nta mwana uri muni y'ibyumweru bitandatu by'ubukure, nk'uko bigaragara ku cyemezo cy'amavuko, utari mu Bana b'Utanga serivisi ugomba kwitabwaho n'Utanga serivisi.
- B. Abana b'Abatanga serivisi n'Abakozi**
1. Abana b'Abakozi bagomba kubarirwa mu matsinda akwiye y'imyaka y'ubukure no mu kugaragaza impuzandengo y'abakozi bita ku Bana igihe bitabwaho n'Utanga serivisi, keretse uko bivugwa mu gice cya 7(C)(2)(b) muni.
 2. Abana babana n'Utanga serivisi bafite imyaka irenga ine y'ubukure ntibabarwa mu kugaragaza impuzandengo y'abakozi bita ku Bana. Abana babana n'Utanga serivisi bari muni y'imyaka ine y'ubukure babarwa ku mpuzandengo y'abakozi bita ku Bana.
 3. Abana bose bitabwaho atari Abana bagaragajwe mu Gice cya 7(B)(2) muni bafite imyaka y'ubukure iri muni ya 13 bagomba kubarwa ku mpuzandengo y'abakozi yita ku Bana.
 4. Mu kugaragaza umubare w'Abana Utanga serivisi yaherewe icyemezo, Ishami rishobora kubariramo ibyo Abana n'Abantu bakuru batuye mu rugo bakeneye, Umubare w'Abana bemerewe ugomba kugenwa n'Ishami igihe imwe mu mpamvu zikurikira zihari:
 - a. Umwanya ni muto cyangwa uteye mu buryo budasanze;
 - b. Utanga serivisi afite ibintu bigaragarira amaso byabangamira ubushobozi bw'Utanga serivisi bwo kwita, kugenzura cyangwa guhaza ibyifuzo by'Abana agomba kwitaho; cyangwa
 - c. Hari Umwana cyangwa Abana basaba urwego rwo kwitabwaho mu buryo bwihariye bitewe n'ubuzima cyangwa izindi mpamvu.
- C. Impuzandengo y'abakozi bita ku Bana.**
1. Umubare w'Abana bahari ugomba kutarenga Ubushobozi bwatangiwe icyemezo.
 2. Umubare ntarengwa w'Abana bashingwa Umukozi ugomba kuba uteye utya:
 - a. Impuzandengo isabwa

IMYAKA Y'UMWANA	IMPUZANDENGO Y'ABAKOZI BITA KU BANA		
Abana bose bafite ibyumweru 6 kugeza ku myaka 2 y'ubukure	Utanga serivisi 1: Abana 4:	Abatanga serivisi 2: Abana 8:	Abatanga serivisi 3: Abana 12
Abana bose bafite kuva ku myaka 2 Imyaka 5	Utanga serivisi 1: Abana 8:	Abatanga serivisi 2: Abana 12	Ntibikora
Abana bose bari hejuru y'imyaka 5 y'ubukure	Utanga serivisi 1: Abana 12	Ntibikora	Ntibikora
Imyaka ivanze	Utanga serivisi 1: Abana 3 bari muni y'imyaka 2 y'ubukure + Abana 3 bafite hagati y'imyaka 2 n' 5 y'ubukure + Abana 2 bafite imyaka iri hejuru y' 5 y'ubukure, cyangwa Abana 8 bari hagati y'imyaka 2 n'5 y'ubukure+Abana 2 bafite hejuru y'imyaka 5 y'ubukure.	Abatanga serivisi 2: Abana 6 bari muni y'imyaka 2 y'ubukure + Abana 6 bafite imyaka irenze 2 y'ubukure.	Abatanga serivisi 3: Abana 12 (Abana batarenze 9 bagomba kuba bafite muni y'imyaka 2 y'ubukure).

- b. Abana bakuru bashobora kuzuza imyanya y'Abana bato, ariko Abana bato ntibashobora kuzuza imyanya y'Abana bakuru.
3. Ubushobozi bushobora kurenzwa gusa iyo ibi bisabwa bihari: Ibibazo bitunguranye mu muryango cyangwa gufunga ishuri mu buryo butunguranye.
- a. Gufunga ishuri byateguwe bifatwa nk'ikintu gishobora gutekerezwaho mbere kandi, ku bw'iyoy mpamvu, ubushobozi ntibushobora kurenzwa.
 - b. Ubugenzuzi bukwiye n'impuzandengo, nk'uko byasobanuwe muri iri tegeko, bigomba kugumaho. Uburyo bwo kuyobora bene ibi bikorwa bugomba gusobanurwa muri gahunda y'ibihe bitunguranye yanditse n'impamvu zo kurenza ubushobozi zigomba kwandikwa mu Makuru y'Ubwitabire.
 - c. Ibikorwa bidasanze bibera aho Utanga serivisi abarizwa bigomba gukorerwa ubugenzuzi nk'uko iri tegeko ribigena. Umwana witabira igikorwa kidasanze yitabwaho n'Umubyeyi cyangwa Umwishingizi ntazabarirwa mu mpuzandengo y'abakozi bita ku Bana. Ibikorwa bidasanze biba nyuma y'amasaha asanzwe n'iminsi y'akazi ntibirebwa n'iri tegeko.

D. Ubugenzuzi

- 1. Abana bagomba kugenzurwa igihe cyose n'Utanga serivisi cyangwa Umukozi. Utanga serivisi cyangwa Umukozi bagomba kuba bahari kandi basabana, bagoboka, batanga amabwiriza, ibisubizo n'ubufasha buri gihe.
 - a. Abatanga serivisi bagomba kugira ubumenyi bw'igikorwa cya buri Mwana witabwaho n'aho ari.
 - i. Utanga serivisi cyangwa Umukozi bagomba kuba babasha kubona cyangwa kumva Abana bose buri gihe no kubasha gutanga ubufasha bw'ako kanya igihe bikenewe.
 - ii. Utanga serivisi cyangwa Umukozi bagomba kuba bari hanze imbona nkubone igihe Abana bari muni y'imyaka umunani y'ubukure bari hanze.
 - iii. Iyo abana bari hejuru y'imyaka umunani y'ubukure bari hanze, kandi Utanga serivisi cyangwa Umukozi badahari imbona nkubone, aho bakinira hagomba kuba hafunzwe n'uruzitiro.
- 2. Mu gihe cyo gusinzira gake na/cyangwa amasaha yo gusinzira, Utanga serivisi cyangwa Umukozi bagomba kuba maso kandi bakagenzura Abana, kandi impuzandengo y'abakozi bita ku Bana igomba kubahirizwa. Urumuri ruke, ariko ruhagije rutuma ubugenzuzi bukoreshajwe amaso bukorwa ku Bana bose buri gihe.
- 3. Kamera zifata amashusho n'amajwi bigomba gufatwa nk'uburyo bwemewe bw'ubugenzuzi mu gihe cy'ibikora bituje bibera imbere mu nzu.
- 4. Utanga serivisi cyangwa Umukozi bagomba kugera ku Mwana urira cyangwa uboroga.

E. Gahunda y'igihe habaye ikibazo. Utanga serivisi agomba gutegura kandi agakurikiza gahunda yanditse igaragaza uko ubufasha buboneka mu gihe habaye ikibazo gitunguranye kandi hari utanga serivisi umwe wenyine, cyangwa iyo impuzandengo y'abakozi bita ku Bana yarenze.

F. Ibyo abakozi bagomba kuba bujuje. Abakozi bagomba kuba bafite byibura imyaka 16. Umukozi wese ufite muni y'imyaka 18 agomba kuba agenzurwa n'undi mukozi ufite imyaka 18 cyangwa irenga.

- 1. Utanga serivisi n'abakozi bose bagomba kuba bafite impamyabushobozi y'amashuri yisumbuye cyangwa iyo bihwanye, kuba yiga mu ishuri ryisumbuye, cyangwa kuba yariyandikishije muri Porogaramu yo

kwitegura y'Iterambere ry'Uburezi Rusange(GED) cyangwa HISET (Porogaramu y'Ikizamini gitegurira ugikora guhabwa impamyabushobozi ihwanye n'iy'amashuri yisumbuye).

2. Abakozi bashinzwe, cyangwa batanga ubufasha bwo, kwita ku bana bagomba kugira ubushishozi mu buryo bwo kwita ku bana, kugaragaza uburyo budahinduka bwo kubahiriza iri tegeko n'andi mategeko akurikizwa, kandi ntibagomba kujya mu gikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa imyitwarire ibangamira imibereho myiza y'Abana.
3. Abatanga serivisi bagomba kuba bashobora gukora akazi bashinzwe kandi bakaba bujuje ibyo Abakozi bose bagomba kuba bujuje bisabwa muri iri tegeko. Nta bisindisha, itabi, urumogi rufatwa mu rwego rwo kuruhuka, cyangwa ibiyobyabwenge bitemewe bigomba gufatwa igihe umuntu ari mu kazi. Imiti wandikiwe cyangwa imiti yemewe bitagabanya ubushobozi bw'Utanga serivisi bwo kwita ku bana iremewe.
4. Byibura Utanga serivisi cyangwa umwe mu Bakazi bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:
 - a. Kuba bafite byibura imyaka 18 kandi bakaba bafite uruhushya rugezweho mu butabazi bw'ibanze buhabwa abantu bakuru n'Abana no Gukangura umutima n'ibihaha (CPR); no
 - b. Kuba yararangije byibura amasaha 6 y'amahugurwa abanziriza itangwa ry'icyemezo ahantu hadateza ibibazo by'ubuzima, kandi hatekanye; Iterambere ry'Umwana; kwitegereza no gusuzuma; uburyo bwo gufasha Umwana bujyanye n'imikurire ye; inama; imibanire n'imiryango; umuco bwite n'ubudasa bushingiye ku mucu; abana bafite ubumuga, ubucuruzi, n'iterambere rishingiye ku mwuga; cyangwa ibijyanye no kwita ku mwana.
5. Abatanga serivisi n'Abakozi bagomba kuba barakingiwe byuzuye kandi amakuru yabo yo kwikingiza akaba aboneka byoroshye kugira ngo asuzumwe n'Ishami.

Ibisabwa birimo, inyandiko zigaragaza ko wikingije tetanosi, agakwega n'akaniga.

- a. Abatanga serivisi n'Abakozi bavutse nyuma y'1956 bagomba kuba bafite icyemezo cy'uko bakingiwe iseru, amashamba, rubeyole, tetanosi agakwega, n'akaniga.
- b. Inyandiko zigaragaza ko bikingije iseru, amashamba na rubeyole si ngombwa ku batanga serivisi n'abakozi bavutse mbere y'1957. Ikizami cy'amaraso cyo muri laboratwari cyemeza ko umuntu yikingije na cyo gishobora kwemerwa.
- c. Inyandiko zanditswe gusa n'umuganga zigaragaza ko uko kwikingiza atari itegeko mu buryo bw'ubuvuzi zikomorerwa Abatanga serivisi n'Abakozi ntibabweme bagitegetswe guhabwa izi nkingo zisabwa.

IGICE CYA 8. AMAHUGURWA

A. Amahugurwa yo kumenyerezwa umwuga. Uretse igihe hari ikindi gihe cyagaragajwe, abakozi bose bagomba guhabwa amahugurwa mu bice bikurikira mu minsi mirongo icyenda ya mbere bari mu kazi:

1. Kwitoza gusohoka mu nzu iyo ifashwe n'inkongi y'umuriro, guhangana n'ibiza, n'ubundi buryo bwose bukoreshwa iyo habaye ikibazo gitunguranye. Aya mahugurwa agomba gukorwa akarangira mu cyumweru cya mbere batangiye gukora.
2. Iri tegeko;
3. Uburyo bukoreshwa n'Utanga serivisi n'amabwiriza amugenga;
4. Gukumira indwara itera impfu zitunguranye z'impinja (SIDS) cyangwa indwara itera impfu z'impinja itabonerwa igisobanuro (SUID), Indwara itera uruhinja gusumira, no kwitoza kuryama neza;
5. Gutanga imiti n'uruhushya rutangwa n'ababyeyi (abatanga serivisi bashobora kudatanga imiti kugeza bahawe amahugurwa);
6. Gukumira no kugira icyo ukora ku bibazo bitunguranye by'ubwivumbure bw'umubiri buterwa n'ibiribwa;
7. Umutekano w'inyubako n'ahayizengurutse;
8. Indwara zandura, gukumira indwara zandura no kuzigenzura, Imbuzi zerekeye umutekano ku rwego mpuzamahanga n'indwara zandurira mu maraso;
9. Gukoresha no kubika ibikoresho bishobora guteza ibyago no kujugunya ibinyabuzima bishobora kwanduza;
10. Kugeza abana aho bagiye (iyo umuntu azaba ashinzwe gutwara abana; nk'uko bisabwa nyuma ya buri myaka ibiri);
11. Ubutabazi bw'ibanze bw'abantu bakuru n'abana bwerekanwa hakoreshejwe ubumenyi ngiro;
12. Gukangura umutima n'ibihaha by'abantu bakuru n'abana (CPR) bikerekanwa hakoreshejwe ubumenyi ngiro;
13. Amahugurwa agenewe umukozi ushinze gutanga raporo.

B. Amahugurwa akomeza. Abatanga serivisi bose bagomba gukora ku buryo bo, ubwabo n'Abakozi baba bafite umubare w'amasaha wabugenewe w'amahugurwa akomeza Amasaha cumi n'abiri y'amahugurwa niyo asabwa buri mwaka. Abatanga serivisi bose n'Abakozi bagomba kwiyandikisha mu Ihuriro ry'Iterambere rishingiye ku Mwuga rya Maine.

1. Amahugurwa ya buri mwaka agomba kuba akubiyemo isuzuma ku ngingo z'ubuzima n'umutekano.
2. Amahugurwa akomeza agomba kuba akubiyemo amahugurwa agenewe umukozi w'Ishami ushinze gutanga amakuru ku ihohoterwa ryakorewe umwana byibura inshuro imwe buri myaka ine.
3. Amahugurwa yose, harimo Ubutabazi bw'ibanze ku bantu bakuru n'Abana n'amasaha yo guhabwa ubumenyi bukwererera gukora CPR, azahabwa agaciro ku bijyanye n'iby'o ugomba kuba wujuje mu mwaka yarangijwemo.
4. Kubara amasaha y'amahugurwa ku mwaka bishingira ku itariki icyemezo cyatangiyeho.
5. Amahugurwa ya ngombwa agenewe Abakozi bashya azagabanywa hashingiye ku mezi y'akazi.

6. Kugira ngo amahugurwa yemerwe mu mubare w'amasaha y'amahugurwa ku mwaka, amahugurwa agomba kuba agaragaza ubushakashatsi bugezweho n'imikorere myiza ifitanye isano n'ubumenyi bwa ngombwa kugira ngo abakozi bashinzwe kwita ku bana bagere ku iteramambere ry'Abana kandi babe bakwiye ku Bana bahabwa serivisi n'Utanga serivisi. Ingingo z'amahugurwa zishobora kuba zikubiyemo ariko zitagarukira ku, ubuzima, umutekano, imikurire y'umwana, kwitegereza no gusuzuma; uburyo bwo gufasha umwana bujyanye n'imikurire ye; kumuyobora; imibanire n'imiryango, umuco bwite n'ubudasa bushingiye ku muco, abana bafite ubumuga, ubucuruzi, n'iterambere rishingiye ku mwuga; cyangwa ibijyanye no kwita ku mwana.

IGICE CYA 9. KUYOBORA UMWANA

- A. Uburwo bwiza bukoreshwa mu kuyobora umwana.** Abatanga serivisi n’Abakozi bagomba gukoresha uburyo bwiza bwo kuyobora umwana bushishikaza kwirinda, kwiyobora, kwiha agaciro, kuvuga ibyo ashaka n’ibyo akeneye, no gukorana n’abandi. Kuyobora umwana bigomba kuba bishakira ibisubizo ibyo buri mwana akeneye.
- B. Gukoresha amategeko ya porogaramu mu buryo budahinduka kandi bushyize mu gaciro.** Amategeko, ibyitezwe n’ibitagomba kurengwa bigomba gukoreshwa neza kandi mu buryo buhuye kandi bigashyirwa mu bikorwa ku buryo bujyanye n’ubushobozi bw’imikurire y’umwana.
- C. Uburyo bwo kuyobora bwubaka.** Utanga serivisi n’Abakozi bagomba gukoresha gusa uburyo bwo kuyobora bwubaka. Ibi bishobora kuba bikubiyemo ariko ntibigarukira ku, ubufasha nko:
1. Gucyemura amakimbirane,
 2. Gushishikariza gukoresha ubumenyi bw’ururimi,
 3. Gutanga umurongo mushyashya,
 4. Gutanga amahitamo,
 5. Gukoresha amagambo yo gusingiza cyangwa gushimagiza,
 6. Kumenya imbaraga z’Umwana,
 7. Kwemerera abanyeshuri gufata ibiruhuko bigenzurwa kure y’itsinda igihe biri ngombwa,
 8. Kwibutsa abana ibyo bitezweho hakoreshwa imvugo nziza, kandi yumvikana,
 9. Kwigisha kwiyobora,
 10. Kuba urugero rw’imyitwarire ikwiye, no
 11. Kwemera itandukaniro umuntu afite ku giti cye.
- D. Imyitwarire yangiza.** Ibikorwa bishoboka cyane ko byakomeretsa Abana birabujijwe ku buryo budasubirwaho. Utanga serivisi agomba gukora ku buryo nta Mwana ukoreshwa igikorwa cyangwa imikorere yangiza imibereho myiza y’Abana, irimo, ariko itagarukira ku:
1. Igihano cyo gukubita. Igihano cyo gukubita bivuze ibikorwa bikorerwa ku mubiri byangiza umubiri w’Umwana, birimo, ariko bitagarukira, ku bikurikira
 - a. Gukubita urushyi, gukubitisha ikintu, kuzunguza, gusunika, gukubita ku kibuno, gukanda, gukaraga, gutera umugeri, kuruma, gukurura amatwi cyangwa kuyakaraga;
 - b. Guhatira Umwana kumva cyangwa kurya ibiryo birimo ibirungo, ibirura cyangwa bibishye mu rwego rwo kumuhana;
 - c. Kumutera amazi nk’uburyo bwo kugenzura imyitwarire;
 - d. Gushyira gasete ku munwa w’Umwana;
 - e. Kumubuza kuva aho ari, nko kuzirika Umwana ku ntebe
 - f. Gutegeka cyangwa guhatira Umwana kujya muri pozisiyo imubangamiye nko: gutandaraza, gupfukama, guhagarara urambuye amaboko ku mpande cyangwa wayashyize ku mutwe, kunama,

cyangwa gutegeka no guhatira Umwana kugenda akoresha umubiri we ibintu bituma ataguma hamwe; cyangwa

2. Ubundi buryo bwo gukora ku mwana burimo ubushotoranyi. Ibihano by'ubugome cyangwa bikabije, kumukoza isoni, cyangwa kumuhohotera mu mvugo, birimo ariko bitagarukira ku:
 - a. Gukoza isoni no gutera ikimwano;
 - b. Guhana kubera kwiyanduza, kunyara ku buriri cyangwa kudakoresha ubwiherero; cyangwa
 - c. Gukoza isoni no guhohotera mu mvugo mu buryo ubwo ari bwo bwose.
3. Kumwima ibyo kurya, ibinyobwa, kuruhuka cyangwa igihe cyo gukinira hanze nk'igihano cyangwa kumukangisha kumuhana, cyangwa guhatira Umwana kurya cyangwa kunywa atabishaka
4. Gushyira Umwana ahantu yumva imvugo nyandagazi, kugaragaza ihohoterwa, gukoresha ibiyobyabwenge bitemewe cyangwa kumwerekana ibintu bivugaga ku gitsina;
5. Gutegeka Umwana guceceka cyangwa kudakora nk'ingamba yo kumuhana akamara gihe kirenze imyaka y'uwo mwana ugishyize mu minota;
6. Kumufungira ahantu mu buryo budasanzwe, harimo ariko ntibigarukire ku gukoresha intebe ndede cyane zidahuye n'imikurire ye, udukoresho abana bakiniramo, beriso cyangwa gusiga Umwana wenyine mu cyumba icyo ari cyo cyose;
7. Kwima Umwana igikoresho cyose nyunganzi cyatuma Umwana atakaza ubwisanzure bwe;
8. Gukoresha uburyo bwo gutuma atava aho ari, keretse warabihuguriwe, kandi bigasuzumwa ndetse bikemezwa n'umuganga wemewe;
9. Kutita ku mwana;
10. Kuvuga amagambo atesha agaciro Umwana cyangwa amwerekeyeho cyangwa ku Babyeyi; cyangwa
11. Kumufata nabi.

IGICE CYA 10. UBURENGAZIRA BW'ABANA N'ABABYEYI

A. Uburenganzira bw'abana. Abana bitabwaho n'Abatanga serivisi bafite uburenganzira bukurikira.

1. Abana bagomba kudakorerwa ihohoterwa ryo mu buryo bw'amarangamutima, iryo ku mubiri, irishingiye ku gitsina, gutereranwa no gukoreshwa mu nyungu z'abandi.
2. Buri mwana afite uburenganzira bwo kudakorerwa ibikorwa byangiza cyangwa imikorere yangiza imibereho myiza y'Umwana, cyangwa ku mikorere ishonora kuzangiza Umwana.
3. Buri Mwana afite uburenganzira bwo kuba ahantu hujuje ibipimo ngenderwaho by'ubuzima n'umutekano biteganywa muri iri tegeko.
4. Buri Mwana agomba guhabwa serivisi zo kumurera hatitawe ku ibara ry'uruhu, imyaka, igihugu akomokamo, idini, ubumuga, igitsina cyangwa abagize umuryango we.
5. Abana bagomba guhabwa agaciro, kwitabwaho no kubahwa kandi bigendeye ku guha agaciro abo ari bo. Aha harimo kuba Utanga serivisi n'Abakozi bagomba gukoresha Uburyo bwo kwita ku mwana bujyanye n'imikurire ye.
6. Buri mwana afite uburenganzira mu ishyirwa mubikorwa rya gahunda iyo ari yo yose ya serivisi yateguwe ku bw'uwo mwana afatanyije n'umuryango mugari cyangwa ibigo bya leta by'Utanga serivisi.
7. Buri mwana afite uburenganzira ku bikorwa bijyanye n'imikurire ye, ibyifashishwa n'ibikoresho
8. Abana bafite ubumuga bafite uburenganzira ku mpinduka zumvikana kuri politiki z'Utanga serivisi n'imikorere.

B. Uburenganzira bw'ababyeyi n'abishingizi b'abana bahabwa n'Abatanga serivisi zo kwita ku mwana.

1. Umubyeyi w'Umwana cyangwa Umwishingizi agomba kumenyeshwa byuzuye ibintu cyangwa serivisi bikubiye mu giciro bishyura serivisi zo kurera umwana.
2. Umubyeyi w'Umwana cyangwa Umwishingizi bafite uburenganzira bwo kumenyeshwa byuzuye ibyavuye mu igenzura riheruka ryakozwe n'Ishami. Utanga serivisi agomba kumenyeshwa Ababyeyi b'abana cyangwa abishingizi babo ko ibyavuye mu igenzura rusange ryo gutanga icyemezo ari amakuru ya rubanda kandi ibyavuye mu igenzura bigatangazwa ahantu hazwi mu Nyubako zitangirwamo serivisi.
3. Ababyeyi cyangwa Abishingizi bemewe n'amategeko bagomba kumenyeshwa n'Utanga serivisi mu minsi ibiri y'akazi ingamba izo ari zo zose Ishami ryafatiye Utanga serivi, zirimo ariko zitagarukira ku, ibyemezo byo gutanga icyemezo gisaba ko hari ibigomba kubanza kubahirizwa, kwanga gutanga icyemezo gishya, cyangwa guca amande cyangwa ibindi bihano.

IGICE CYA 11. GUTANGAZA IHOTERWA RYAKOREWE UMWANA CYANGWA KUMUTERERANA

- A. Ibisabwa mu kumenyekanisha ihohoterwa rikorerwa umwana cyangwa kumutererana.** Buri utanga serivisi wese cyangwa Umukozi agomba guhita ahamagara nomero itangirwaho ubufasha bwo Kurengera Umwana y'Ishami ry'Ubuzima na Serivisi zo Kwita ku Baturage (800-452-1999) igihe akeka ko habaye Ihohoterwa rikorerwa Umwana cyangwa Kumutererana.
- B. Utanga serivisi ategetswe gutanga amakuru.** Utanga serivisi agomba kumenyesha Abakozi bose mu gihe cyo kubaha amabwiriza mu kazi kabo nk'Abategetswe Gutanga raporo n'inshingano zabo zo kumenyesha Ishami rishinzwe Ubuzima na Serivisi zo kwita ku baturage igihe cyose hari impamvu ifatika ituma hakekwa Ihohoterwa rikorerwa Umwana cyangwa Kumutererana, kandi bagakurikira amahugurwa akomeza yo kumenyekanisha Ihohoterwa rikorerwa Umwana ku Bakozi bose nk'uko biteganywa mu Gice cya 8 cy'iri Tegeko.
- C. Amabwiriza yanditse yatanzwe.** Abakozi bagomba guhabwa amabwiriza yanditse arebana n'Ihohoterwa rikorerwa Umwana cyangwa raporo ku Gutererana Umwana irimo incamake ya Leta ya Maine ku mategeko yo gutangaza ihohoterwa rikorerwa Abana n'innyandiko yemeza ko batazasezererwa cyangwa ngo bahanwe gusa kubera ko batangaje Ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyangwa Gutererana Umwana.
- D. Nomero itangirwaho ubufasha yatangajwe.** Utanga serivisi agomba gukora ku buryo nomero ya telefone itishyurwa y'Ishami itangazwa ahantu hagerwa hagati mu Nyubako zitangirwamo serivisi.

IGICE CYA 12.UBUZIMA N'UBUVUZI

- A. Kwikingiza.** Amakuru yo gukingirwa agomba kubungabungwa kugira ngo hafatwe icyemezo kandi hatangwe ubuvuzi buboneye igihe hadutse icyorezo cyangwa ikibazo cy'ubuzima rusange gitunguranye.
1. Abana bose bitabwaho bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:
 - a. Utanga serivisi agomba kuba afite amakuru agaragaza abana bakingiwe agezweho muri dosiye ya buri mwana, agaragaza neza uko buri mwana ahagaze mu bijyanye no kwikingiza hashingiwe ku Bipimo ngenderwaho byo kwikingiza by'Ishami rishinzwe kwita ku bana (biboneka <https://www.maine.gov/dhhs/mecdc/infectious-disease/immunization/documents/Childcare%20Immunization%20Standards.pdf> kandi byatangajwe tariki ya 8 Kanama, 2021 mu minsi 30 umwana yemerewe bwa mbere mu kigo cyita ku bana kandi akavugururwa uko biri ngombwa nyuma cyangwa
 - b. Ikizami cy'amaraso kigaragaza ubudahangarwa bw'umubiri ku iseru, amashamba, rubeyole n'ibihara, byashyizwe mu makuru y'Umwana kandi bikavugururwa ku gihe.
 - c. Nta mwana ushobora gusabwa gukingirwa iyo hari impamvu zishingiye ku myizerere, filozofiya cyangwa ubuvuzi zanditse. Guhera ku ya 1 Nzeli, 2021, gusonerwa bigarukira ku mpamvu z'ubuvuzi. Umuganga w'Umwana, uwitoza kuba umuforomo, cyangwa muganga wungirije agomba gutanga inyandiko zigaragaza ko ku mpamvu z'ubuvuzi gukingirwa atari ngombwa.
 2. Abana badakingiye, Abatanga serivisi n'Abakozi. Ushinzwe kwita ku bana mu muryango agomba kubika urutonde rw'abantu bose badakingiye, hatitawe ku myaka. Iyo hadutse icyorezo nk'uko bisobanurwa n'ibipimo ngenderwaho byo gutangaza amakuru by'Ikigo gishinzwe gukumira no kurwanya ibyorezo (CDC), Umwana utarakingiwe agomba kuvanwa mu bo umuryango witaho hakurikijwe inama za CDC cyangwa kugeza Umwana ahawe inkingo za ngombwa cyangwa igihamya cy'ubwirinzi bw'umubiri kikaba cyanditse.
 3. Amakuru yo kwikingiza. Ushinzwe kwita ku bana mu muryango agomba gukora ku buryo amakuru yo kwikingiza aba aboneka ku Ishami rishinzwe ubuzima na serivisi z'abaturage, Ikigo cya Maine gishinzwe kugenzura no gukumira indwara, igihe asabwe.
- B. Ibigerwaho mu gusuzuma.** Iyo Ishami rifite impamvu yumvikana ituma ryizera ko Uwatanze ubusabe, Utanga serivisi cyangwa umukozi ashobora kutita ku Bana mu buryo bwizewe, Ishami rishobora gusaba raporo umunyamwuga wujuje ibisabwa cyangwa umuyobozi ukwiye ikubiyemo kuba uwagenzuye uwo muntu yemeje ko afite ubushobozi bwo kwita ku Bana mu buryo bwizewe.
1. Ikizamini cy'umubiri cyangwa irindi suzuma si ngombwa iyo Uwatanze ubusabe, Utanga serivisi, cyangwa Umukozi avuze mu nyandiko ko binyuranyije n'inyigisho zishingiye ku myemerere z'uwo muntu n'imigenzereze.
 2. Iyo Uwatanze ubusabe, Utanga serivisi, cyangwa Umukozi yanze gukorerwa isuzuma, Ishami rifata icyemezo niba hari ibimenyetso bihagije byemeza ko uwo muntu ashobora kwita ku mwana ashobora kwita ku bana mu buryo bwizewe.
- C. Ubugishwanama ku kwita ku buzima**
1. Utanga serivisi agomba kugira agatabo cyangwa amabwiriza yanditse yo gukumira no kugenzura indwara zandura n'indi mikorere yo mu rwego rw'ubuzima yo kwita ku mwana.
 2. Utanga serivisi agomba gukora ku buryo agatabo gasomwa n'Abakozi bose.

- D. Gukurikirana ubuzima.** Utanga serivisi agomba gukurikirana Abana yitaho buri muni igihe ahageze ndetse no mu gihe cyose Umwana ahamara kugira ngo arebe ibimenyetso bigaragara by'uburwayi nk'umuro, impiswi, kuruka, cyangwa ibihari ku ruhu. Iyo hari uburwayi bugaragara ko Umwana yenda kuburwara, Utanga serivisi agomba kubahiriza amabwiriza ari mu gatabo yasobanuye mu Gice cya 14(C)(1) muni.

Iyo Utanga serivisi azi cyangwa akeka ko Umwana yanduye indwara igomba kumenyeshwa leta cyangwa uburwayi, Utanga serivisi agomba kumenyeshya Ikigo cya Maine Gishinzwe Gukumira ko Kurwanya Ibyorezo (MECDC). Utanga serivisi agomba guhitamo amenyeshya MECDC ako kanya akoresheje telefone mu Gihe cy'uburwayi bwo mu Cyiciro cya 1, no mu masaha 48 ku burwayi bwo mu Cyiciro cya 2. Nomezozo za MECDC: Telephone: 1-800-821-5821 (amasaha 24 ku muni); FAGISI: 1-800-293-7534 (amasaha 24 ku muni); cyangwa Abafite ubumuga: Umurongo ukoresheya n'abafite ubumuga muri Maine 711 (amasaha 24 hku muni). Kugira ngo ubone urutonde rw'Indwara n'uburwayi bwo mu Cyiciro cya 1 n'icya 2 bigomba kumenyeshwa leta, reba 10-144 CMR Umutwe wa 258, Amategeko agenga igenzurwa ry'indwara zigomba kumenyeshwa leta, Umutwe wa 2(I). <http://www.maine.gov/sos/cec/rules/10/144/144c258.doc>

- E. Gusezerera abana kubera uburwayi.** Iyo Umwana arwaye, ariko bikaba atari ngombwa ko ahita ahabwa ubufasha bw'ubuvuzi, utanga serivisi agomba gufata icyemezo niba Umwana agomba koherezwa mu rugo. Utanga serivisi agomba kumenyeshya Umubyeyi/Umwishingizi ufite ibimenyetso bisaba ko aba ahejwe.

F. Uburwayi, igikomereka gikabije, ibyabaye, n'impanuka.

1. Utanga serivisi cyangwa Umukozi agomba guhitamo amenyeshya Umubyeyi/umwishingizi uburwayi ubwo ari bwo bwose, gukomereka bikabije, cyangwa impanuka y'Umwana. Umuntu mukuru washyizweho n'Umubyeyi/ cyangwa Umwishingizi agomba guhitamo amenyeshwa ako kanya mu gihe Umubyeyi cyangwa Umwishingizi aba ataboneka.
2. Utanga serivisi agomba kwandika impanuka zose, ibikomere, Ibyabaye, cyangwa ibintu bitunguranye byabaye mu makuru y'Umwana ku muni byabereyeho kandi Umubyeyi cyangwa Umwishingizi agomba kubisuzuma agashyira umukono ku nyandiko mu minsi ibiri y'akazi.

- G. Ubutabazi bw'ibanze.** Utanga serivisi agomba kugira agasanduku kabikwamo ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze n'agatabo kagezweho gakoreshwa mu butabazi bw'ibanze.

1. Agasanduku karimo ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze k'Utanga serivisi kagomba kuba kaboneka byoroshye mu Ngendoshuri zose, no mu gihe cyose atwaye abana. Agasanduku karimo ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze kaba karimo, ariko ntibigarukira kuri, papiyekora, ibipfuko by'ubutabazi, ibipfuko byo guhagarika amaraso, ibipfuko binini bizenguruka, uturindantoki dukoresheya rimwe, agakoresho gatanga ubushyuye, imakasi, amapensi, igipimisho cy'umuro, agapfukamunwa bambara bakora CPR, n'amavuta yo gusukura igikomere. Agasanduku kabikwamo ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze ntikagomba kuba karimo ibikoresho byarengeje igihe.
2. Agasanduku kabikwamo ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze kagomba kubikwa ahantu hasukuye neza, kubikwa hantu byoroshye kugera, ahantu hagenwe hazwi n'abatanga serivisi bese, kandi kakabikwa aho abana batagera.

- H. Gutanga imiti.** Utanga serivisi ashobora guha Umwana imiti yandikwa gusa ari uko Utanga serivisi afite uruhushya, rwanditse, ruriho umukono n'itariki ruvuye ku mubyeyi.

1. Utanga serivisi agomba gutanga imiti yandikiwe Umwana wagaragajwe gusa, akurikije amabwiriza ari ku karango kari ku gikoresho umuti ubitsemo.
2. Utanga serivisi ntagomba guha Umwana umuti wose utanditswe atabihereye uruhushya rwanditse n'Umubyeyi. Telefone, ubutumwa bugufi, cyangwa uruhushya rutangirwa kuri imeyili byemewe mu bihe bitunguranye, iyo utanga serivisi yanditse ibijyanye no gutanga umuti kandi akabona uruhushya wanditse ruvuye ku mubyeyi vuba bishoboka.

3. Utanga serivisi agomba kubika inyandiko, yandikamo igihe cyose imiti Umwana ahawe imiti yandikiwe n'iyoy atandikiwe.
4. Imiti yose, iyakonjeshejwe n'itakonjeshejwe, igomba kuba:
 - a. Iri aho Umwana atabasha kugera mu buryo bwuzuye,
 - b. Kubikwa ku gipimo cy'ubushyuhe cyabugenewe, kandi
 - c. Ikajugunywa ikimara kurenza igihe.

I. Gukaraba intoki. Gukaraba intoki bigomba gukorwa hifashishijwe isabune n'amazi. Utanga serivisi agomba gukora ku buryo Abantu bakuru bose n'Abana bakaraba intoki zabo byibura mu bihe bikurikira:

1. Ako kanya mbere na nyuma yo kurya ifunguro ryo kwica isari n' amafunguro manini, harimo gukarabya intoki Impinja zose n'ibitambambuga mbere y'igikorwa cyose cyo kubagaburira;
2. Nyuma yo guhindura ibibindo cyangwa kujyana umwana mu bwihereho;
3. Mbere na nyuma yo gukora ku mafunguro, na
4. Mbere na nyuma yo gutanga imiti.

J. Kubuza ko habaho gukora ku maraso n'amatemabuzi. Utanga serivisi agomba gufata ingamba za ngombwa kugira ngo yirinde gukora ku maraso n'andi matemabuzi ashobora kwanduza, zikaba zaba zikubiyemo gukoresha uturindantoki dukoresha inshuro imwe. Iyo bakoze ku maraso, amatemabuzi, ibyunzwe, amazirantoki, umworohera wo mu mura, uruhu rufite ibisebe, abatanga serivisi bagomba:

1. Gukaraba intoki zabo nyuma yo kubikoraho, nubwo yaba yari yambaye uturindantoki;
2. Kora ku buryo habaho uburyo bwizewe bwo gucunga imyanda ku buryo uhita ujugunya ibikoresho bikoreshwa inshuro imwe byanduye; kandi
3. Uwhite usukura unatere umuti wica udukoko n'ibikoresho byongeraga bigakoreshwa.

K. Uburyo bukurikizwa iyo habaye ikintu gitunguranye. Abatanga serivisi bagomba kuba bafite uburyo bwo kugira icyo bakora igihe habaye ikibazo gitunguranye gikeneye ubufasha bw'ubuvuzi. Impuzandengo y'abakozi bita ku Bana igomba kubungabungwa mu gihe cyose habaye ikibazo cy'ubuvuzi gitunguranye. Abakozi bashobora guhamagarwa bibaye ngombwa kugira ngo habe hari impuzandengo isabwa. Buri mukozi agomba guhugurirwa gucunga ibibazo bitunguranye kugeza ubuvuzi bw'indembe bubonetse.

IGICE CYA 13.AMAZI YO KUNYWA N'ARIMO IMYANDA

- A. Amazi yo kunywa.** Utanga serivisi agomba gutanga inyandiko z'amazi meza anyobwa n'Abakozi n'abana barerwa. Iyo nta hantu haturuka amazi hahagije, icyemezo cyangwa kongerera igihe icyemezo kizamara bishobora kudatangwa.
1. Abatanga ubusabe batanga amazi bakuye mu mariba yabo bagomba kugaragaza ubuziranenge bw'amazi bushimishije bakorera isuzuma ibintu bikurikira byanduza bifashishije laboratwari ya Maine ibifitiye uruhushya :
 - a. Filiworide,
 - b. Iraniyumu,
 - c. Umuti wica udukoko,
 - d. Urugero rw'ubutare bwa plom mu mazi uvomye ku nshuro ya mbere,
 - e. Nitarate, na
 - f. Igiteranyo cya bagiteri za kalifomu.
 2. Abatanze ubusabe bakoresha sisitemu y'amazi rusange y'abaturange bagomba kugaragaza ubuziranenge bw'amazi bushimishije biciye mu gukusanya no gupima ubutare bwa plomb mbere yo guhabwa icyemezo. Igikoresho kibitsemo urugero fatizo kigomba kuba cyaratanzwe na laboratwari ya Maine ibifitiye uruhushya kandi kikaba gifite ubushobozi bwa litiro imwe.
- B. Gupima amazi ku buryo buhoraho bikorwa n'abatanga serivisi bafite amariba.** Abatanga serivisi batanga amazi yo mu mariba yabo bagomba gupima amazi yabo buri mwaka kugira ngo barebe ko nta bagiteri za kalifomu na nitarate zirimo. Ingero zigomba gusuzumwa maze ibisubizo bigatangerizwa laboratwari ibifitiye uruhushya ya Maine. Abatanga serivisi bagomba kubika raporo z'ubuziranenge bw'amazi kugira ngo Ishami rishinzwe ubugenzuzi nirizishaka rizibone.
- C. Gupima amazi mu gihe cy'imyaka itanu bikorwa n'abatanga serivisi bafite amariba.** Uretse gupima buri mwaka bitegetswe n'Igice cya 13(B) kiri haruguru, Abatanga serivisi batanga amazi bakura mu mariba yabo bagomba gupima amazi yabo buri myaka itanu kugira ngo barebe nibura niba harimo ibintu byanduza bikurikira: filiworide, iraniyumu, Urugero rw'ubutare bwa plom mu mazi uvomye ku nshuro ya mbere n'umuti wica udukoko.
- D. Amasezerano agenga amazi ari mu macupa.** Iyo utanga serivisi ahisemo gukoresha no gutanga amazi ari mu icupa kubera kimwe cyangwa byinshi mu byanduza byarondowe mu Gice cya 13 (A)(1) (a)-(e) haruguru, Utanga serivisi ashobora gukora hagendewe ku masezerano agirana n'Ishami yo gukoresha amazi ari mu macupa. Muri aya masezerano, Utanga serivisi agomba:
1. Gukoresha amazi ari mu macupa mu kunywa no gutegura ibyo kurya;
 2. Guha Ababyeyi imenyeshya ryanditse ry'abana biyandikishije n'abana n'abaziyandikisha rivuga ko utanga serivisi asabwa gukoresha amazi ari mu macupa mu kuyakoresha ibintu byose no gutegura ibyo kurya;
 3. Gushyira amasezerano aho ashobora kubonwa ku buryo bworoshye n'Ababyeyi; no
 4. Gukomeza gupima amazi buri mwaka hagendewe ku Gice cya 13(B) cy'iri tegeko.
- E. Amazi n'uruhombo rwayo.** Mu gihe cyose cy'amasaha y'akazi, gutanga amazi no kujyana imyanda y'amazi bigomba kubahiriza 10-144 C.MR. Ch. 231, 241.

1. Iyo sisitemu yo kujyana imyanda y'amazi inaniwe kuzuza iki gipimo ngenderwaho, Utanga serivisi agomba gufunga.
2. Utanga serivisi ashobora gusubukura ibikorwa mu gihe sisitemu yo kujyana imyanda y'amazi ikora neza.

IGICE CYA 14. AHANTU N'UMUTEKANO

- A. Uko inyubako ihagaze muri rusange n'amazu atangirwamo serivisi ayikikije.** Utanga serivisi agomba gufata iya mbere atera intambwe zo gukosora imiterere yose yo mu nyubako cyangwa mu mazu, yateza ibyago ubuzima bw'abana, imibereho n'umutekano.
1. Ingazi zikoreshwa n'abana zigomba kuba ziriho aho bafata hakomeye
 2. Ingazi zigomba kuba ziri ku nkuta cyangwa ibyuma bafata. Ahantu hari ingazi hakoreshwa n'impinja, ibitambambuga n'Abana bataratangira ishuri hagomba kuba harinzwe n'umuryango cyangwa urugi.
 3. Ibikoresho by'umuriro w'amashanyarazi biri ahantu hakoreshwa n'impinja, ibitambambuga n'Abana bataratangira ishuri bigomba kurindwa hifashishijwe ibikoresho by'ubwirinzi, ibicomekesho, ibikoresho by'umuriro bifite aho bacomeka hagoye kwinjizamo ikintu, cangwa ubundi buryo.
 4. Imiti iyo ari yo yose, uburozi, Ibikoresho bishobora guteza ibyago, n'ibindi bikoresho byateza ibyago Abana nk'imyambi, aho bacanira, ibikoresho byaka umuriro, n'ibikoresho by'umuriro bigomba kubikwa ahantu abana batabasha kubigeraho.
 5. Kunywa itabi birabujijwe mu Nyubako zitangirwamo serivisi igihe abana bahari.
 6. Imigozi miremire ku buryo yaboha ijosi ry'Umwana (inci esheshatu cyangwa zirenga) ntigomba kuba iboneka ku bana keretse Umwana ari mu gikorwa cyo kwidagadura cyangwa kwiga ari kumwe n'umuntu mukuru.
 7. Ibikoresho bifite umugozi w'umuriro w'amashanyarazi bigomba gufatishwa ku gikuta kugira ngo bitagwa, cyangwa uwo mugenzi ntube uboneka ku mpinja, Ibitambambuga n'Abana bataratangira ishuri,
 8. Utanga serivisi agomba kuba afite telefone ikora mu Nyubako itangirwamo serivisi.
 9. Utanga serivisi ashobora gufunga irembo rinini ry'urugo rwabo/cyangwa Inyubako itangirwamo serivisi kugira ngo yirinde ko hari uwinjira aturutse inyuma, umuryango upfa kuba ufungukira imbere nta kibazo kandi hakaba hari uburyo bwo kumenyesha Utanga serivisi kuza kw'Ababyeyi/abishingizi cyangwa abandi bashyitsi.
 10. Ibikinisho n'ibikoresho bigomba kubikwa bisukuye kandi mu buryo byakoreshwa bidateje ibyago.
 11. Ahantu umuntu ashobora kugwa hari muni kandi hegereye ibikoresho byo mu nzu byo gukina hatuma umuntu agwa hafite indeshyo irenga inci 29 hagomba gufundikirwa hagashyirwaho tapi cyangwa igikoresho kigera nibura muri inci 39 zirenga ku mpera isohoka y'igikoresho mu byerekezo byose. Iyo igice cyo gukiniramo kirenga inci 48 z'uburebure, tapi ibuzaza umuntu kubabara igomba kuba ifite byibura uburebure bwa inci ebyiri.
 12. Ibikoresho byo mu nzu, n'ibidi bikoresho biremereye, na/cyangwa ibikoresho bishobora kugwa cyangwa bidahamye mu mwana wabyo bigomba kwegukwa ku rukuta cyangwa hasi.
 13. Utanga serivisi agomba guhanagura hasi buri muni ahantu hose abana bari. Imiti isukura ntigomba gukoreshwa ahantu hegereye abana kandi iyo ikoreshejwe umwuka winjira mu nzu ugomba kuba uhagije.
 14. Abana ntibemerewe kuba bari hafi y'ibikoresho by'umuriro mu gihe biri gukoreshwa kandi ibikoresho by'umuriro bigomba kubikwa ahatagerwa cyangwa se bikaba bifite ibikoresho bibirinda kugira ngo birinde Umwana wese gukomereka igihe bitari gukoreshwa.
 15. Amakofi y'Utanga serivisi n'undi mutungo we bigomba kuba biri aho abana batagera.

16. Amarembo yose n'aho basohokera hagomba kuba hagaragara kugira ngo gusohorwa mu nzu byorohe ibihe byose.
17. Abatanga serivisi bagomba gukura imyanda mu bikoresho byayo, kubibyaza umusaruro, n'ibikoresho bishyirwamo ifumbire kandi bagakuramo ibiri muri ibyo bikoresho aho barererwa mu gihe ibyo bikoresho byuzuye cyangwa vuba iyo ibirimo binuka nabi cyangwa byatera ibyago ubuzima.

B. Igihe cyo gukinira hanze y'inzu n'ibikorwa by'imbere mu nzu

1. Abana bitabiriye amasaha arenze ane kandi baregenje amezi 12 y'ubukure bazaba bafite iminota ingana na 60 yo gukinira hanze buri muni. Impinja zigomba kujya hanze byibura inshuro imwe buri muni.
2. Mu gihe imiterere y'ibihe iteje ibibazo ku Bana hakurikijwe uburyo bwo kwita ku bana hitegerezwa imiterere y'ibihe n'igipimo cy'ubuziranenge bw'Umwuka nk'uko byatanzwe muni, igikorwa gisaba imbaraga gisimbuzwa igihe cyo kujya hanze.
3. Utanga serivisi agomba gukurikirana imiterere y'ibihe by'aho abarizwa kandi agakurikiza inama ahabwa n'Ishami rishinzwe Kwitegereza imiterere y'ibihe mu rwego rwo kwita ku bana, wasanga kuri <https://www.maine.gov/dhhs/sites/maine.gov.dhhs/files/documents/ocfs/childrens-licensing-and-investigation/documents/WeatherWatch.pdf>
4. Utanga serivisi agomba gukurikirana ubuziranenge bw'umwuka w'aho abarizwa nk'uko biba byatangajwe n'Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika gishinzwe kubungabunga ibidukikije, wasanga kuri <https://www.airnow.gov/>. Iyo ubuziranenge bw'umwuka "Bwateza ibyago amatsinda y'abantu bafite ubwirinzi bw'umubiri bufite intege nke" (USG) cyangwa buri hejuru cyane, Abana bagumishwa mu nzu.
5. Televiziyo, kureba videwo, na/cyangwa gukoresha mudasobwa cyangwa ibikoresho bya elegitoronike bifatwa mu ntoki bigomba kuba ari ibyo gukoresha mu kwigisha, bijyanye n'imyaka, kandi bigarukira ku minota mirongo icyenda cyangwa iri muni ku muni. Ibindi bikorwa byabisimbura abana bakora bigomba kuba biboneka muri ibi bihe

C. Urugero rw'ubutare bwa plomb buhagije. Abatanga serivisi bagomba kubahiriza 22 MRS Ch. 252, Itegeko ryo kugenzura ubutare bwa plomb, rirebana no kugenzura ibikinisho biteye irangi ririmo ubutare bwa plomb, ibikoresho byo mu rugo, cyangwa undi mwanya w'imbere no hanze y'inzu,

1. Abatanga serivisi bazajya bagira isuzuma ngarukamwaka ku byago bishobra gutezwa n'ubutare bwa plomb buturuka ku irangi ryakobotse na /cyangwa ryashishutse.
2. Utanga serivisi azasonerwa iri suzuma niba:
 - a. Inyubako yarubatswe mu mwaka w'1978 cyangwa nyuma yaho;
 - b. Inyubako yaremejwe ko nta kibazo bituruka ku butare bwa plomb yateza kandi ikaba itaretewe irangi rifite ubutare bwa plomb mu mezi 12 abanza;
 - c. Kuba ubutare bwa plomb nta kibazo bwateza kubera kubungabungwa biciye mu kongera gusuzuma ibikorwa mu mezi 6 nyuma y'icyemezo cyatanzwe mbere cyemeza ko ubutare bwa plomb nta kibazo bwateza na buri mwaka nyuma yaho bigakorwa n'umugenzuzi w'ubutare bwa plomb, cyangwa
 - d. Utanga serivisi akaba atakita ku bana bari muni y'imyaka itandatu.
3. Igenzura ry'ubutare bwa plomb ryakozwe n'umugenzuzi wemewe wa Maine cyangwa umugenzi w'ibyago bishobora kuba rigomba kurangira iyo isuzuma rigaragaje ko hari ibyago byo kuba hari aho umuntu yahurira n'ubutare bwa plomb.
4. Iyo habonetse ibimenyetso by'ubutare bwa plomb mu nzu yubatswe mbere y'1978, Utanga serivisi agomba guha Ababyeyi imenyeshya ryanditse ry'abana bese yitaho n'imiryango ishobora kuzareresha ko

bishoboka ko ubutare bwa plomb bwagira uwo bwanduzwa. Utanga serivisi agomba gushyira mu makuru ya buri mwana inyandiko yemeza kwakira imenyeshya risabwa haruguru.

5. Uburyo bwose bwo gukemura ikibazo cy'ubutare bwa plomb n'umukungugu bugomba gukorwa hakurikizwa uburyo bwiza bwo gukora akazi ku buryo butateza ibyago kandi hubahirizwa 10-144 CMR Ch. 292, Amategeko yerekeye Igenzura ry'ubutare bwa plomb.

D. Umwuka uhumanya. Abatanga serivisi bagomba kuba bafite uburyo bukora bwo gutahura umwuka uhumanya.

1. Ibikoresho bishobora kuba ibikoresho bwite by'umuriro w'amashanyarazi (ibyabacomeka cyangwa ibikoreshwa na mudasobwa) cyangwa ibyuma bitahura umwuka uhumanya na Underwriters Laboratories LLC (yemewe na UL); cyangwa sisitemu ya elegitoronike yo gutahura umwuka uhumanya ihuje n'impuruza ya elegitoronike/sisitemu yo gutahura umwotsi iri mu zemewe na UL.
2. Byibura icyuma kimwe gitahura umwuka uhumanya kigomba kwinjizwa kuri buri nzu kandi ibyuma bitahura bigomba gushyirwaho hagendewe ku Ishami rya Maine rishinzwe Umutekano Rusange, Ibiro bya Leta bishinzwe gukumira inkongi y'umuriro cyangwa ubihagarariye.

E. Ubushyuhe bw'inyubako.

1. Ubushyuhe ntarengwa bwa dogere byibura 65° za Fahrenheit bupimwa muri fiti ebyiri zo ku mbuga bugomba kubahirizwa mu mwanya w'Abana.
2. Iyo ubushyuhe bwo mu nzu burenga dogere 82° za Fahrenheit, Utanga serivisi agomba gukoresha uburyo bwo kuzana ubukonje mu mwanya ukoreshwa n'Abana.
3. Ibyuma bikonjeshya, ibyuma bitanga umuyaga, n'ibyuma bizana ubushyuhe bigomba kuzamurwa kandi bigashyirwa aho abana bose batagera cyangwa bikaba bifite uburyo bwo kwirinda bubuza abana gukomereka.
4. Ibyuma bizana ubushyuhe bikoreshwa n'amashanyarazi bigendanwa bigomba kwemezwa n'Ishami rya Maine rishinzwe umutekano rusange, Ibiro bya Leta bishinzwe gukumira inkongi y'umuriro cyangwa ubihagarariye. Ibice bitanga ubushyuhe bigomba kurindwa kugira ngo hirindwe gukomereka no gushyira kandi bigashyirwaho hagendewe ku mabwiriza yihariye y'uruganda rwabikoze.

F. Amatara no kongera umwuka mwiza mu nzu

1. Buri cyumba gikoreshwa n'abana kigomba kuba gifite urumuri rukwiye kugira ngo kugendamo nta kibazo. Urumuri kamere ni ngombwa muri buri cyumba gikoreshwa n'Abana mu gihe kirenga amasaha ane ku munsu.
2. Ibice byose by'imbere bikoreshwa n'abana bigomba kuba bigeramo umwuka uhagije.
 - a. Amadirishya agomba gufungurwa iyo ubushyuhe bwo hanze n'ubuziranenge bw'umwuka butuma bishoboka
 - b. Inzugi n'amadirishya bitanga umwuka bigomba kuba bifite ibirahure bikajije.
 - c. Utanga serivisi agomba gukemura ibibazo byose by'ubukonje bishobora kuvamo urubobi, umurayi, cyangwa umunuko mbere y'uko Abanyeshuri binjira muri uwo mwanya bakawukoresha

G. Umwanya ntarengwa ukoreshwa. Utanga serivisi agomba gutanga ahantu ntarengwa hafite ubuso bwa fiti (35) y'umwanya ukoreshwa ku mwana. Ahantu hatabarwa nk'umwanya ukoreshwa harimo koridoro, aho abana babika ibikoresho, aho bafungurira urugi, aho babika ibyifashishwa, utubati, n'ubwihereho.

H. Ahantu bakinira hanze. Inyubako igomba kuba ifite inzira iyiganisha hanze aho bakinira, kandi ikaba umwanya wo gukiniramo ukaba uhagije ku abana bose, hakabaho n'uburyo bwo kuvidura butuma amazi ataguha ahantu hamwe.

1. Ahari ibintu byateza ibyago aho bakinira hanze, Abana bagomba kurindwa ibyo byago bashyiraho uruzitiro cyangwa ibindi byuma bitangira byabugenewe.
 - a. Ibintu byatera ibyago birimo, ariko ntibigarukira ku, mihanda, amazi yitekeye ahantu hamwe cyangwa imihanda ya gari ya moshi, ahantu haberamye cyangwa ahacuramye, cyangwa ahandi hantu hatara ibyago.
 - b. Uruzitiro rugomba kuba runga na inci 48 cyangwa zirenga . Ahantu hafunganye hagomba kuba hafite byibura umuryango umwe, kandi ufunze neza hakoreshejwe ibikoresho bitateza umwana ibyago
 - c. Hagomba kuba hari inzira ituruka mu kibuga itari ituruka mu nyubako.
2. Ibikoresho byo gukina bigomba gutunganywa kugira ngo bifashe Abatanga serivisi gukomeza kugenzura abana igihe cyose.
3. Ingofero zifunze uko bikwiye zigomba kwambarwa mu bikorwa byose mu gihe hari ibyago byo gukomereka ku mutwe (urugero. amagare, moto za siporo, inkweto z'amapine, akuma bagenderaho k'amapine, akuma bagendesha ku rubura, na/cyangwa imodoka z'abana).
4. Ibikoresho birengeje inci 36 z'ubuhagarike bw'ahantu hazamukwa cyangwa aho bahagarara bigomba kuba bifite muni yabyo ibikoresho bifata ubushyuhe.
 - a. Ibikoresho bifata ubushyuhe birimo ibikoresho bitaremereye nk'ibarizo bashyira mu kibuga bakiniramo, igaraviye, tapi zikoze muri pulasitike, cyangwa umucanga.
 - b. Ibikoresho bifata ubushyuhe bigomba kuba birenga ibikoresho mu byerekezo byose kugira ngo hirindwe gukomereka hagize ugwa
 - c. Iyo hakoreshejwe ibikoresho bifata ubushyuhe bitaremereye, ibyicungo byose, imigozi bafata burira, n'igice abana bakoresha binyereza bigomba kuba bifite umubare w'ibikoresho bifata ubushyuhe uhagije mu rwego rwo kubuza ko hari uwakomereka, hashingiwe ku burebure bw'igikoresho.
 - d. Beto cyangwa kaburimbo ntibigomba gukoreshwa.
5. Hagomba kuba hari ibikoresho bitandukanye bijyanye n'imyaka n'ibyo abana bose barerwa bakeneye. Imigozi bafata burira, ibyicungo n'igice bakoresha binyereza bigomba kuba bikajije, bisukuye, bisannye neza kandi byubatswe ku buryo bufite ubwirinzi; kandi bigomba kuba biri mu ntera itekanye kugira ngo hirindwe gukomereka ahantu hakomeye, harimo ibikwa, inzitiro, inyubako nto n'ibindi bikoresho bifashisha bakina.
6. Ahantu bakinira hagomba kuba nta bintu byatera ibyago bihari kandi Utanga serivisi akahagenzura ahareba buri muni, mbere y'uko Abana bahakoresha.
7. Imifuka y'amicanga igomba kubikwa mu buryo butekanye kandi ikaba isukuye.
8. Aho bakinira hanze hagomba kuba hafite igicucucucu. Utanga serivisi agomba kwita ku mutekano w'Abana bose adatuma bamara igihe kinini ku zuba mu gihe imirasire yaryo iba ikaze cyane, kwambara ingofero, cyangwa kwambara amadarubindi (Keretse hari ukundi Umubyeyi w'Umwana yabimutegetse). Impinja zifite amezi arenga atandatu zigomba kuguma ahatagera imirasire y'izuba, kandi Utanga serivisi ntabwo yakwambika Umwana amadarubindi keretse Umubyeyi w'Uwo mwana agaragaje ko ari inama yagiriwe na muganga. Inyandiko z'umuganga zigomba kubikwa muri dosiye y'Umwana.

- I. Intwaro.** Imbunda, ibyuma bakoresha mu guhiga, imiheto n'amacumu, n'izindi ntwaro zibikwa mu nyubako bigomba kuguma mu ivarisi ifunze, igikuta gifatanye n'inzu, cyangwa akabati Abana batageraho mu masaha yose y'ibikorwa.
1. Imbunda zigomba kubikwa nta masasu arimo Amasasu agomba gufungirwa ahantu hatandukanye n'aho imbunda ziri.
- J. Ibyifashishwa, ibikinisho n'ibikoresho.** Ibyifashishwa, ibikinisho n'ibikoresho bigomba kuba bijyanye n'ikigero cy'imyaka y'abana banditse.
1. Impinja: Ibikinisho bitandukanye, umuziki n'ibitabo bigenewe mu kuvumbura amatsiko, gukoresha imikaya minini, gukoresha ikiganza n'amaso, n'urwungano rwo kureba, kumva no gukoraho.
 2. Ibitambambuga n'abana bataratangira ishuri: Ibikorwa bitandukanye biboneka muri ibi bice: gutondekanya ibintu, ikinamico, ururimi, gusoma no kwandika, ubugeni n'ubukorikori, imfashanyigisho (nk'ibibaho bakiniraho n'amahurizo), ibikorwa bikoresha inzungano z'umubiri (nk'umucanga n'amazi), siyansi, na muzika.
 3. Abana bagejeje igihe cyo kwiga: Ibikorwa bitandukanye biboneka mu bice bikurikira: ibitabo n'ururimi, ubugeni n'ubukorikori, imikino, siyansi n'ibidukikije, na muzika.
 4. Ibikinisho n'ibikoresho uruganda rwagaragaje ko bifite inenge cyangwa bikangwa biciye muri Komisiyo ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Ishinzwe ubwizerwe bw'ibicuruzwa bigenewe umuguzi (CPSC) bigomba kuvanwa mu nyubako, gusanwa, cyangwa gusimbuzwa bitewe n'amakuru agaragaza ubusembwa bifite ahari.
 5. Utanga serivisi kuba agera ahari imyenda myinshi y'abana, mu gihe imyenda yanduye, yangiritse, cyangwa ikaba itari yatanzwe mu gikorwa cy'uwo muni.
- K. Ibikoreso byo mu nzu.** Utanga serivisi agomba kuba afite ibikenewe kugira ngo yite ku byo abana arera bakeneye.
1. Umwanya bwite byoroshye kugeraho, abana bagomba kuba bafite umwanya hanze wo kwambariramo no gushyiramo ibikoresho bwite.
 2. Utanga serivisi agomba guha buri Mwana ibikoresho bye byo mu bwihereho (uburoso bw'amenyo, kwiyoza amenyo, gusokoza umusatsi, n'ibindi.) n'ibikoresho bwite (isume, ikirahure banyweramo) iyo ikoreshwa ryabo ryatanzwe.
 3. Iyo hari ibikoresho byo mu bwihereho:
 - a. Abana ntabwo bagomba kogerama hamwe cyangwa ngo basangire amazi yo koga;
 - b. Ibikoresho bogeramo n'bimanura amazi bigomba gusukurwa neza nyuma yo gukoreshwa n'undi mwana;
 - c. Abana bagomba guhabwa ibyo kwikubisha n'amashuri bisukuye; kandi
 - d. Nta mwana ufite muni y'imyaka itanu uzagumishwa mu bwogero wenyine.
- L. Udutanda tw'abana, ibitanda, n'ibyo kwiyorosa.**
1. Agatanda k'abana cyangwa agakoresho bakiniramo kujuje Ibipimo ngenderwaho by'ubwizerwe bya Komisiyo Ishinzwe ubwizerwe bw'ibicuruzwa bigenewe umuguzi (CPSC), biboneka kuri <https://www.cpsc.gov/s3fs-public/5023.pdf>, bigomba guhabwa buri mwana ufite amezi agera kuri 18.

- a. Nta gatanda k'abana n'agakoresho bakiniramo bigomba kuryamamwo n'Umwana urenze umwe icyarimwe.
 - b. Udutanda tw'abana tubiri dufatanye cyangwa twinshi ntitwemewe.
 - c. Tapi zose zigomba kuba zitinjirwamo n'amazi cyangwa zozwa.
 - d. Buri gatanda k'abana kagomba kuba gafite matora itinjirwamo n'amazi, ikomeye, matera ifashe neza iri mu bugari bw'intoki ebyiri mu byerekezo byose by'agatanda k'abana. Buri gakoresho bakiniramo kagomba gukoreshwa na matora y'umwimerere cyangwa iyisimbura yagaragajwe n'uruganda rwagakoze.
 - e. Ibikoresho by'ubwoko ubwo ari bwo bwose bibuza Umwana kuva aho ari ntibigomba gukoreshwa mu gatanda k'abana.
 - f. Ibikinisho harimo ubundi bwoko bw'ibikoresho bifashisha mu gukina byagenewe kuba bifashe ku gice icyo ari cyo cyose cya gatanda k'abana ntibigomba gukoreshwa.
2. Udutanda duto tw'abana twujuje ibipimo ngenderwaho by'ubwizerwe bya CPSC dushobora gukoreshwa ku mpinja kugeza ku mezi atanu, ku biro ntarengwa byabugenewe. Utanga serivisi ntiyakoresha agatanda gato k'abana ku ruhinja rushobora gukura igituza cyarwo aho ruryame nta muntu urufashije.
 3. Udutanda tw'abana n'udukoresho abana bakiniramo by'impinja zitarenze amezi arenga 12 ntibigomba kuba birimo ibyo kwiyorosa binepa cyangwa birekuye harimo, ariko hatagarukira ku: udutambaro bafataho mu gatanda k'umwana, imisego, kuvurori, Ibitambaro basasa hejuru y'amashuka ibiringiti, ibikoresho bifasha umuntu kuryama neza, bavete n'ibikinisho byoroheje. Imyenda ikoze nk'uburingiti yambarwa idahisha amaboko iremewe.
 - a. Ibitanda, amatapi, udukoresho abana bakiniramo, udutanda duto tw'abana n'agatanda k'abana bikoreshwa n'Uruhinja cyangwa igitambambuga tugoba gusukurwa kandi tugaterwa umuti uko tudenda gukoreshwa n'abana batandukanye, iyo twanduye, cyangwa byibura inshuro imwe ku munsu
 - b. Agatanda k'abana, agakoresho gafukuye batwaramo abana, na matera z'udukoresho abana bakiniramo byose bigomba gutwikirwa n'ishuka ifashe neza.
 - c. Udutanda tw'abana, ibitanda, uburiri, tapi, cyangwa udukoresho abana bakiniramo bikoreshwa mu kuryama bigomba kuba bifite intera ya nibura ya fiti 2 hagati yabyo bigatandukanywa n'ikintu gikomereye ku ruhande rumwe.
 4. Tapi iri ukwayo, uburiri cyangwa igitanda, kiriho ikiringiti cyangwa agahago ko kuryamamo, bigomba guhabwa buri mwana ufite imyaka iri munsu y'itanu witabwaho igihe kirenze amasaha ane. Ibyo kwiyorosa byose bigomba gusukurwa mbere y'uko bukoreshwa n'undi mwana. Ibyo kwiyorosa bigomba gusukurwa uko biri ngombwa, cyangwa byibura buri cyumweru.
 - a. Ibiringiti, uduhago two kuryamamo, uburiri, ibyo kwiyorosa, na tapi bigomba kubikwa ku buryo bidakora hasi aho baryamye cyangwa bigomba kumeswa bikanaterwa umuti wica mikorobe mbere yo kongera kubikoresha iyo bibitswe ku buryo bikora hasi mu gihe bibitswe
 - b. Amashuka agomba kumeswa cyangwa guhindurwa mbere yo gukoreshwa n'undi mwana. Amashuka n'umyenda ikoze nk'uburingiti yambarwa igomba kumeswa uko biri ngombwa, ariko ntibigomba kujya munsu ya buri cyumweru.

M. Ibikoresho byo mu bwiherezo Ibikoresho byo koza n'ibyo mu bwiherezo n'isabune bigomba gutangwa.

1. Hagomba gushyirwaho, ahantu hagufi, cyangwa ubundi buryo hafi y'ubwiherezo n'amabase yo kogeramo, ku Bana bakeneye ubufasha bwo kubigeraho no kubikoresha.

2. Abatanga serivisi bagomba kurenza igipimo cy'ubushyuhe cya dogere 120° za Fahrenheit muri robine zihari kugira ngo zikorreshwe n'abana.
3. Igikoresho cyose kijugunywa nyuma yo gukoresha, cyangwa gisukuye, ga zo kwiyozza zagenwe umuntu ku giti cye na esume bishobora gukoresha. Ibyo kwikubisha byagenewe umuntu ku giti cye na esume bigomba kumeswa buri munsu.

N. Kubinda umwana//ku mujyana mu bwiherezo.

1. Abana bagomba kugenzurwa byibura buri mu gihe ntarengwa cya buri amasaha (2) ko harebwa ko binyariye cyangwa banduje ibibindo n'imyenda, kandi bagomba guhinduriwa vuba bishoboka
2. Ibibindo umwana yanyayemo cyangwa yanduje byo kujugunywa bigomba gushyirwa mu gikoresho kiri ku murongo kandi gipfundikiye, gitandukanye n'indi myanda n'aho bashyira imyanda kandi bikaba bitanduakanye n'aho bakinira cyangwa ho bategurira ibyo kurya, cyangwa bigashyirwa mu gikapu byonyine bigafatishwa ku gikoresho bashyiramo imyanda gihuriwe gipfundikirwa.
3. Kubinda umwana bigomba gukorerwa ku meza yo guhinduriraho cyangwa agatambaro kozwa gasukurwa buri uko gakoreshejwe cyangwa gafunitse n'agatambaro gakoresheya inshuro imwe.
4. Ameza bahinduriraho cyangwa agatambaro ntibigomba kuba birimu gikoni cyangwa ho bategurira ibyo kurya.
5. Abakzoi bagomba gukaraba intoki n'isabune n'amazi buri nyuma yo guhindura ibibindo.
6. Ku bana bakoresha ibibindo bikozwe mu mwenda, ikibindo kigomba kuba kirimo neza imbere gisukuye kandi gikamura imyanda kikaba kizengurutse inyuma n'igikoresho kibuzza amazi kwinjira kikanabuzza amabyi n'inkari gusohoka.
 - a. Ikibindo n'igice cy'inyuma kigipfutse bigomba guhindurirwa icyarimwe.
 - b. Ibibindo bikozwe mu mwenda byandujwe n'inkari cyangwa amabyi bigomba guhita bashyirwa mu mufuka usukuye ufungwa cyangwa igikoresho bashyiramo imyanda (hatabayeho koza, kunyeganyeza, cyangwa kujugunya) bikoherezwa mu rugo uwo munsu kugira ngo bimeswe.
 - c. Uyu mufuka ufungwa cyangwa igikoresho bashyiramo ibintu kigomba kubikwa aho abana batagera.
7. Utanga serivisi agomba gukora n'imiryango mu gufata icyemezo ku buryo bwo gukorera isuku umwana hashingiwe ku byo Umwana akeneye.
8. Igice cy'intebe umwana yitumamo kigomba guhita kivanwamo imyanda ako kanya nyuma yo kugikoresha, gusukurwa, kandi kigusukurwa muri lavabo idategurirwamo ibyo kurya hakoreshejwe umuti wica udukoko.
9. Igice cy'intebe umwana yitumamo ntabwo cyakoresheya mu gutegura ibyo kurya.

O. Inyamaswa zo mu rugo

1. Inyamaswa zo mu rugo ntabwo zigoba guteza Umwana ibyago.
2. Inyubako ntizigomba kubamo inyamaswa zo mu rugo cyangwa undi mwanda w'inyamaswa kandi no mu nyubako ntihagomba kubamo umunuko w'umwanda w'inyamaswa.
3. Amakarito bashyiramo umwanda w'inyamaswa ntagomba kubikwa aho bategurira ibyo kurya cyangwa aho babitangira kandi agomba kuba atwikiriye kugira ngo abana badakora ku mwanda w'inyamaswa zo mu.

4. Inyamaswa zo mu rugo zose zigomba gukingirwa ibisazi, kandi amakuru agaragaza ko buri nyamaswa yakingiwe agomba kubikwa nk'uko biteganywa mu Gice cya 5 cy'iri Tegeko.

P. Kwitoza gusohora abantu mu gihe cy'inkongi y'umuriro

1. Kwitoza gusohora abantu mu nzu mu gihe cy'inkongi y'umuriro bigomba gukorwa byibura rimwe mu kwezi ku Bana n'Abantu bakuru bahari hakoreshejwe byibura uburyo (2) bwo gusohoka. Amakuru agaragaza igikorwa cyo kwitoza gusohoka mu nzu mu gihe cy'inkongi y'umuriro agomba kubikwa nk'uko biteganywa mu Gice cya 5 cy'iri Tegeko.
2. Kwitoza gusohora abantu mu nzu mu gihe cy'inkongi y'umuriro bigoba gukorwa hakurikijwe amabwiriza n'uburo bw'imikorere bimanikwa muri buri cyumba gikoreshwa n'Aabana.
3. Ibyuma bitahura umwotsi bigomba gukoreshwa, iyo bishoboka, kugira ngo igikorwa cyo kwitoza gusohora abantu mu nzu mu gihe cy'inkongi gikorwe.

Q. Gahunda yo kwitegura ibyago bitunguranye. Abatanga serivisi bagomba kuba bafite gahunda yo kwitegura ibyago bitunguranye haramutse habaye inkongi y'umuriro, ibiza, cyangwa ibindi bintu biteye ubwoba bishobora guteza ibyago ubuzima cyangwa umutekano w'Abana. Abatanga serivisi n'Abakozi bagomba gusuzuma gahunda yo kwitegura ibyago bitunguranye buri mwaka maze bakayivugurura uko bikenewe. Abatanga serivisi bagomba kubika kopi ijyanye n'igihe ya gahunda yo gusohora abantu mu nzu kandi bagaha buri Mubyeyi/Umwishingizi ibisobanuro by'uburyo bukoreshwa mu kwimukira ahandi iyo habaye ibyago bitunguranye mu gihe cyo kwiyandikisha Umwana k'Utanga serivisi ndetse n'igihe cyose iyo gahunda ivuguruwe.

1. Gahunda igomba gutanga ibi bikurikira:
 - a. Gusohora mu nzu, harimo n'ahantu bimukira n'inzira ikoreshwa mu gusohoka;
 - b. Gufunga inzu na/cyangwa gushaka ahantu hizewe muri iyo nzu waba uhungiyeye;
 - c. Uburyo bwo kumenyesha Ababyeyi/Abishingizi;
 - d. Uburyo bwo gukemura ibibazo bwite by'Abana harimo n'abana bafite ubumuga;
 - e. Guhuza ibikorwa n'abayobozi bashinzwe gukemura ibibazo bitunguranye muri ako gace; n'
 - f. Amabwiriza yo gukomeza kurera Umwana mu gihe gikurikira ikibazo gitunguranye cyangwa ibiza.
2. Utanga serivisi agomba kwitoza uburyo bwo gusohora abantu mu nzu mu gihe cy'ibyago bitunguranye byibura kabiri mu mwaka kandi amatariki agomba kwandikwa akaba aboneka kugira ngo asuzumwe.
3. Abakozi bose bagomba kuba barahuguwe kandi bamenyereye gahunda yo kwitegura ibyago bitunguranye.

IGICE CYA 15.KOGA NO KUGENDA MUMAZI

- A. Amabwiriza arebana n'ibikorwa bibera mu mazi n'agenga umutekano.** Kugenzura abana mu buryo butaziguye ni ngombwa igihe cyose, bigakorwa n'abatanga serivisi bari hafi kugira ngo gutanga ubufasha bikunde kandi babe bari aho babona kandi bakumva abana bose bari mu gikorwa cyo koga cyangwa kugenda mu mazi.
1. Utanga serivisi ufite serivisi z'ibikorwa byo koga no kugenda mu mazi agomba gushyiraho amabwiriza n'uburyo bukoreshwa mu bikorwa byo koga no kugenda mu mazi hamwe n'amabwiriza genga umutekano.
 2. Amabwiriza n'uburyo bukurikizwa bigomba kuba bivuga ku bikorwa byose byo koga cyangwa kugenda mu mazi bibera mu nyako cyangwa kure yazo, urugero., muri pisine rusange cyangwa ku musenyi.
 3. Amabwiriza n'uburyo bukurikizwa bigomba kuba bikubiyemo gahunda ikurikizwa iyo habaye ibyago bitunguranye bifitanye isano n'ibikorwa byo koga cyangwa kugendera ku mazi, hatitawe aho biri kubera. Iyi gahunda igomba kuba iboneka ku bakozi bose. Iyi gahunda igomba kuba ikubiyemo uburyo bukurikizwa iyo habaye ikibazo gikeneye ubuvuzi gitunguranye, ibibazo bitunguranye bitewe n'ibinyabutabire, kurohama, imiterere y'ibihe mibi no kugenzura buri kanya ko Abana bose bameze neza.
- B. Uruhushya rutangwa n'Umubyeyi.** Mbere yo kwemerera Umwana kwitabira ibikorwa bibera mu mazi, Utanga serivisi agomba kuba afite uruhushya rwanditse yahawe n'Umubyeyi cyangwa Umwishingizi. Umubyeyi cyangwa Umwishingizi bagomba gushyira umukono n'itariki ku ruhushya rwanditse rutangwa n'Umubyeyi igomba kuvugururwa, byibura buri mwaka. Ifishi y'uruhushya ruriho umukono n'itariki itangwa n'Umubyeyi igomba gushyirwa muri dosiye kandi ikabikwa n'Utanga serivisi mu makuru ya buri mwana. Ifishi y'uruhushya rutangwa n'umubyeyi igomba kuba ikubiyemo:
1. Izina ry'umwana n'itariki y'amavuko;
 2. Ibikorwa bikorerwa mu mazi byatanzwe;
 3. Ubushobozi bwo koga bw'umwana;
 4. Aho ibikorwa bikorerwa mu amazi bibera;
 5. Kuba hari cyangwa hatari umukozi ushinzwe gukumira impanuka zibera mu mazi; n'
 6. Umukono w'Umubyeyi n'itariki.
- C. Ahantu.** Ibikoresho byose byo gukinira mu mazi bigomba gushyirwa mu byatsi ku bikoresho bifata ubushyuhe mu gihe cyo kubikoresha.
- D. Amahugurwa ntarengwa no guhabwa uruhushya bya ngombwa ku bikorwa byo mu mazi.** Utanga serivisi agomba kuba afite abafasha abari koga bahaawe amahugurwa yabugenewe, nk'uko bisobanurwa n'iri tegeko, kuba bahari igihe cyose mu bikorwa byo koga cyangwa kugenda mu mazi.
1. Pisine bagendamo Abana ntibagomba kwemererwa kwinjira muri pisine bagendamo batari kugenzurwa n'ushinzwe pisine bagendamo.
 2. Pisine. Abana ntibagomba kwemererwa kujya muri pisine iyo ariyo yose ndende cyangwa ngari kuruta pisine bagendamo hatari Ushinzwe umutekano wo mu mazi.
- E. Isuku.** Pisine zigomba kuba zigaragara bihagije. Hasi hagomba kuba hagaragara neza mu gice cy'ubujyakuzimu bwa pisine. Pisine zigomba kuba zifite sisitemu zo kuyungurura amazi no kuyatunganya. Pisine bagendamo zigomba gusukurwa no kuvanwamo amazi buri munsu, n'uko biri ngombwa bitewe no kuba hagiye ibiyanduza.

F. Kugera kuri pisine

1. Pisine zose bagendamo zigomba kuvanwamo amazi iyo zitari gukoreshwa.
2. Ibikoresho bogeramo amazi ashyushye bigomba kurindwa hashyirwaho uruzitiro cyangwa inzitiro zifunze kugira ngo abana batabigeraho.
3. Pisine zoze zubatse mu butaka ziri ahantu abana bagera zigomba kuzitirwa. Uruzitiro rugomba kuba byibura rufite metero enye z'ubuhagarike kandi rukaba rurinzwe hakoreshejwe urugi rufunze.
4. Pisine zose zubatswe hejuru y'ubutaka zigomba kuba zifite inkuta zo ku mpande ziturirwa byibura zingana na metero enye z'ubuhagarike kandi zikaba zifite uruzitiro rufite byibura fiti enye z'ubuhagarike kandi rukaba rurinzwe hakoreshejwe urugi rufunze. Iyo pisine itari gukoreshwa, ingazi zigomba gukurwa kuri pisine cyangwa zikarindwa kugira ngo hirindwe ko hagira ujyamo nta muntu uhari.

G. Kwitegura ibyago bitunguranye no kwitoza uko wabyitwaramo

1. Pisine zose zigomba kuba zifite telefone ihamagarwa iyo habaye ikibazo gitunguranye iri mu gace pisine irimo. Telefone igomba kuba ishobora guhita ihamagara kugira ngo hatangwe ubufasha bw'ikibazo gitunguranye
2. Ibikorwa byo kwitoza gukemura ibyago biterwa n'ibikorwa bikorerwa mu mazi bigomba gukorwa byibura rimwe mu kwezi, mu kwezi uko ari ko kose igikorwa cyose gikorerwa mu mazi kiba. Ibi bikorwa bigomba gukorwa hakurikijwe amabwiriza n'uburyo bukurikizwa, burimo gukoresha ibikoresho by'ubwirinzi, kwimurira umwana ahandi, uburyo busanzwe bwo gukora ku buryo Abana bose baba bahari, na telefone zo guhamagara mu gihe habaye ikibazo gitunguranye.
3. Ikigo kigomba kibika inyandiko y'ubwoko, itariki, igihe n'igihe amahugurwa no kwitoza bimara.

H. Impuzandengo y'abakozi bita ku Bana mu gihe cy'ibikorwa bikorerwa mu mazi Impuzandengo y'abakozi ku Bana ugomba kubahirizwa igihe cyose mu gihe cyo koga no kugenda mu mazi.

1. Abashinzwe gutanga ubufasha muri pisine bagendamo bashobora kubarwa mpuzandengo y'abakozi bita ku Bana. Abashinzwe umutekano wo mu mazi, Abakozi bashinzwe gukumira impanuka zibera mu mazi bemewe, n'abarimu bigisha koga ntibabarwa mu mpuzandengo y'abakozi bita ku Bana. Abashinzwe umutekano wo mu mazi n'abakozi bashinzwe gukumira impanuka zibera mu mazi bemewe bagomba kuba bari hanze kandi begereye pisine
2. Iyo muri pisine harimo abana batatu cyangwa bake, umukozi ushinze umutekano wo mu mazi ashobora kongerwa mpuzandengo y'abakozi bita ku Bana. Umukozi ushinze umutekano wo mu mazi agomba kuga shinzwe ahanini kugenzura abana bari muri pisine.
3. Iyo pisine ifite fiti zirenga fiti z'ubujyakuzimu, abatanga serivisi bazi koga gusa ni bo bashobora kubarirwa mpuzandengo y'abakozi bita Bana.

I. Pisine. Abatanga serivisi bafite pisine mu Nyubako bagomba kuba bamenyereye uburyo bukoreshwa iyo habaye ibyago bitaunguranye, ikoresheya ry'ibikoresho by'ubwirinzi na nomero bahamagara iyo habaye ikibazo gitunguranye.

1. Abatanga serivisi bagomba kuzuza urutonde rw'igenzura rw'umutekano ku munsi uwo ari wo wose igikorwa cyo koga kiberaho. Urutonde rw'igenzura rutangwa n'ishami kandi rugomba gushyirwaho umukono n'umuntu ushinze ibikorwa byo koga kuri uwo munsi.
2. Amategeko yandikishije intoki y'ubwirinzi agenga pisine agomba gushyirwa ahantu hagaragara kandi agomba gusomwa akanasuzumwa buri cyumweru na buri Mukozi ushinze kugenzura abana.

- J. Pisine ziri hanze y'ikigo cyangwa amazi karemano.** Ibikorwa bikorerwa mu mazi bibera kure Nyubako zitangirwamo serivisi, hatitawe ku kuba umukozi ushinzwe gukumira impanuka zo mu mazi wemewe ari mu kazi, Utanga serivisi agomba gutanga umukozi umwe ushinzwe umutekano wo mu mazi.
1. Abakozi bashinzwe gukumira impanuka zo mu mazi ntibagomba gufatwa nk'abakozi bashinzwe umutekano wo mu mazi.
 2. Ibikorwa bibera mu mazi karemano bigomba kugarukira ahantu hamwe hihariye hashyirwaho n'Utanga serivisi kandi hagashyirwaho ibitangir abana bigaragara ku butaka no mu mazi.
 3. Abakozi bashinzwe umutekano wo mu mazi ntibabarirwa ku mpuzandengo y'abakozi bita ku Bana. Abandi bakozi bagomba kuba bahari kugira ngo buzuze impuzandengo isabwa y'abakozi bita ku Bana.
 4. Utanga serivisi utanga serivisi z'ibikorwa bikorerwa mu mazi yo muri pisine ifite ubyakuzimu bwa 24" bagomba guha buri Mubyeyi w'Umwana cyangwa Umwishingizi itangazo ryanditse ribamenyesha ko nta Mkozi ushinzwe gukumira impanuka zibera mu mazi uzaba ahari.
 5. Byibura abakozi babiri bafite imyaka 18 cyangwa irenga bagomba kuba bahari mu bikorwa bikorerwa mu mazi bibera mu mazi karemano
- K. Abatoga muri pisine.** Abatari koga bose bagomba kugaragazwa neza nk'abatiga mu buryo bugaragarira amaso ku buryo bworoshye kandi bumenywa n'Abatanga serivisi, Abakozi, abakozi bashinzwe umutekano wo mu mazi n'Abakozi bashinzwe gukumira impanuka zo mu mazi uko bishoboka.

IGICE CYA 16. IBYO KURYA N'IBIKORESHO BYO MU GIKONI

- A. Amafunguro akungahaye mu ntungamubiri n'amafunguro yo kwica isari.** Amafunguro atangwa n'uatanga serivisi agomba kuba arimo intungamubiri kandi akungahaye. Buri funguro (irya mu gitondo, irya saa siata, n'irya nijoro) n'amafunguro yo kwica isari bitangwa n'Utanga serivisi agomba kuba akubiyemo za poroteyine, ibikomoka ku mata, imbuto n'imboga, amazi n'ibinyampeke bidatonoye.
1. Amazi yo kunywa agomba kuba aboneka ku bana igihe cyose.
 2. Amafunguro yo kwica isari atandukanye atera imbaraga kandi arimo ibikomoka ku mata, imbuto, amazi, imboga, n'ibinyampeke bidatonoye bigomba kugaburwa.
 3. Abana bagomba guhabwa amata, amazi, cyangwa ibisimbura amata kuri buri funguro no ku mafunguro yo kwica isari
 4. Ibyo kurya bigaburwa bigomba kuba bijyanye n'imyaka y'Umwana n'ubushake bwo kurya.
 5. Abatanga serivisi bagomba gushishikariza abana kugerageza ibyo kurya bishya, ariko nta mwana uzahatirwa kurya ikintu cyose adashaka.
 6. Ibyo kurya bitameze neza nk'ibigurishwa, ibihendutse, n'iyanyujijwe mu nganda bigomba kuba bike bigaharirwa ibikorwa byo kwizihiza ibiruhuko n'ibirori by'isabukuru y'amavuko. Nta na rimwe Soda igomba kugaburwa.
 7. Intama 4 kugeza kuri 6 z'umutobe 100% nta sukari yongewemo zishobora guhabwa abana barengeje amezi 12, ariko ntibirenge inshuro imwe ku munsu.
 8. Abana bagomba guhabwa umwanya wo kurya ibyo kurya byabo, n'kutihutishwa mu gihe cyo gufungura cyangwa cyo gufata amafunguro yo kwica isari, kandi bagomba kwicazwa. Abana ntibagomba kwemererwa gukina, kureba televiziyo, cyangwa gukoresha ibikoresho bya elegitoronike mu gihe cy'ifunguro rinini cyangwa cy'ifunguro ryo kwica isari.
- B. Gukaraba intoki.** Abantu bakuru bese n'abana bagomba gukaraba intoki zabo ako kanya mbere yo gutegura cyangwa kurya amafunguro yo kwica isari n'amafunguro manini.
- C. Ubwivumbure bw'umubiri.** Inyandiko zirebana n'ubwivumbure bw'umubiri buterwa n'ibyo kurya by'abana/ibyo kurya umwana atakwihanganira nk'uko zasuzumwe n'umuganga zigomba kuba ziboneka byoroshye kandi zikagenzurwa n'abakozi bese bafite inshingano zo gutegura ibyo kurya no kubitanga. Ibyo kurya bigomba gutegurwa hakurukijwe gahunda yanditse ya buri mwana ugira ubwivumbure bw'umubiri ku biribwa runaka cyangwa utabyihanganira. Gahunda igomba kugenzurwa kandi ikavugururwa uko ibyo Umwana akenera bigenda bihinduka byibura rimwe mu mwaka.
- D. Inshingano z'utanga serivisi**
1. Abatanag serivisi cyangwa abakozi barwaye ntibagomba gukorera ahategurirwa ibyo kurya. Abatanga serivisi cyangwa abakozi bafite ibisebe bidapfutse bidashobora gupfukwa ntibagomba gukora ku byo kurya cyangwa kubitegura.
 2. Abana bashobora kwemererwa gusa kugera ahategurirwa amafunguro ari uko bagenzurwa ku buryo butaziguye n'Utanga serivisi kandi hakaba nta byago byo kuba bakomeretswa n'igikoresho cyo mu gikoni.
 3. Abana bagomba kuba bari ahantu Utanga serivisi abareba kandi akabumva mu gihe cy'amafunguro manini n'amafunguro yo kwica isari.
 4. Ibyo kurya byose yagaburiwe Umwana umwe ntibigomba kongera kugaburirwa undi Mwana.

E. Ububiko bw'ibiribwa

1. Ibiribwa byose byanduye byangiritse cyangwa byarangije igihe bigomba guhita bijugunywa. Ibyo kurya bibyimbye, byatoye uruhumbu, byatobotse, cyangwa bijojoba ntibigomba kuribwa kandi bigomba guhita bijugunywa.
2. Ibyo kurya byose bibora bigomba kubikwa ku gipimo cy'ubushyuhe cyabugenewe.
3. Firigo zigomba gushyirwa ku gipimo kitarenga dogere 40° za Fahrenheit. Iqipimisho cy'ubushyuhe kigomba kugumishwa muri firigo igihe cyose.
4. Ibikoresho bikonjesha bigomba kugumishwa ku gipimo cy'ubukonje butarengadogere 0° za Fahrenheit. Iqipimisho cy'ubushyuhe kigomba kugumishwa mu gikoresho gikonjesha igihe cyose.
5. Ibyo kurya bibitse muri firigo bigomba kubikwa ku buryo butuma umwuka ukonje utembere neza. Ibyo kurya byose bigomba gupfundikirwa.
6. Ikarito/igikapu kirimo amafunguro ya saa sita cyangwa ibindi byo kurya byagemuwe biva hanze y'Utanga serivisi bigomba gukomeza gukonjeshwa iyo bibaye ngombwa.

F. Gutegura ibiribwa

1. Ibyo kurya byabaye ubutita bigomba kongera koroshwa bishyirwa muni y'amazi akonje kandi atemba. Ibyo kurya byabaye ubutita muri ifuru ya mikorowonde bigomba guhita bigaburwa cyangwa bigategurwa kugira ngo bigaburwe.
2. Imbutu mbisi n'imboga bigomba gusukurwa neza mbere yo gukoreshwa.
3. Ibyo kurya, iyo bishyuhijwe, bigomba kugaburirwa abana ariko uko ibibigize byivanze, byakoze, kandi ubushyuhe bugapimwa kugira ngo hirindwe kotswa na byo.

G. Ibikoresho n'ibyifashishwa

1. Ibyo kurya byose n'aho kurira hagomba gusukurwa mbere na nyuma yo gukoreshwa.
2. Amasahane n'ibikoresho byo mu gikoni bigomba gusukurwa mu mashini yagenewe kubyoza ku buryo bwikora cyangwa bikoze neza hakoreshejwe amazi arimo isabune bikanyuzwa mu mazi ashushye.
3. Ibikomoka ku mpapuro bigomba gukoreshwa inshuro imwe kandi bigomba guhita bijugunywa nyuma yo gukoreshwa.
4. Ibikoresho bikoreshwa mu kugabira ibyo kurya bikoreshwa inshuro imwe gusa.

H. Ibikoresho byo mu gikoni

1. Mu gikoni hagomba kuba hamuritse neza, hari isuku n'isukura, kandi hari ku murongo.
2. Ahategurirwa ibyo kurya ntihagomba gukoreshwa ibindi bikorwa mu gihe ibyo kurya n'ibyo kunywa bigutegurwa cyangwa kugaburwa.
3. Ibyo kurya bishyushye byose n'ibyo kunywa bigomba kuba biri aho abana batagera. Umukozi utetse cyangwa uri kunywa ikinyobwa gishyushye ntagomba guterura Umwana.
4. Ravabo zikwiye n'uburyo bwo gutanga amazi mu ashushye n'akonje mu nzu afite ingufu byemejwe n'ikigo gitanga uruhushya muri ako gace zigomba kuba ziri mu byumba byose bitegurirwamo ibyo kurya

n'ibyo kunywa, cyangwa ho bogereza ibikoresho. Ubwogero ntibukoresha mu gutegura ibyo kurya, gusukura amacupa y'impinja, cyangwa koza amasahane.

5. Ahantu hagira aho hahurira n'ibyo kurya n'ibyo kunywa bigomba kuba byoroshye kubisukura, bitarimo ibintu byinshi, kandi bimeze neza.
6. Ibikoresho byo mu gikoni bigomba kuba bisukuye kandi bitagerwaho n'udusimba, ingugunnyi, cyangwa ibindi byanduza. Ibikoresho bose, ibyifashishwa, n'ibyo kurya bigomba kubikwa ahantu hasukuye, humutse kandi hatari udusimba, ingugunnyi, n'ibindi bintu byanduza kandi bigomba gufatwa ku buryo hakumirwa ko byanduza.
7. Firigo igomba guhora isukuye kandi imeze neza, nta rubobi ruyirangwamo nta n'ibintu bimenekamo.

IGICE CYA 17.SERIVISI ZIFASHA ABANA KUGERA AHO BAGIYE

- A. Ibyo shoferi agomba kuba yujuje.** Umuntu wese utwara Abana bitabwaho n’Utanga serivisi agomba kuba afite uruhushya rwemewe rwo gutwara icyiciro cy’imodoka iri gukoreshwa, gutanga buri mwaka uruhushya ruriho umukono ruha uburenganzira Ishami bwo kuzuzura amakuru ari mu Biro bishinzwe ibinyabiziga, rigahabwa ibisubizo bigaragaza ko yujuje ibisabwa nyuma yo kuzuzura mu Biro bishinzwe ibinyabiziga, hamwe no gukora akarangiza amahugurwa yemejwe n’Ishami yerekeye gutwara Abana mbere yo gutwara abana byibura buri myaka ibiri.
1. Ibikoresho bikurikira bibuza umuntu gutwara Abana bitabwaho n’Utanga serivisi, igihe cyose bikoze:
 - a. icyaha cyo gutwara imodoka ukica umuntu,
 - b. Kwanga guhagarara uhagaritswe n’abapolisi inshuro nyinshi,
 - c. Gukoresha imodoka ukica umuntu.
 2. Ibyaha bikurikira bibuza umuntu gutwara abana bitabwaho n’Utanga serivisi iyo byakozwe mu myaka itanu ishize:
 - a. Gutwara imodoka wasinze,
 - b. Gutwara imodoka kandi uruhushya rwawe rwahagaritswe cyangwa rwarateshejwe agaciro,
 - c. Gutwara imodoka ugashyira ubuzima mu kaga,
 - d. Kwanga guhagarara umupolisi aguhagaritse,
 - e. Ubugizi bwa nabi bw’umuvuduko ukabije
- B. Kutarenza umubare w’abantu imodoka igenewe gutwara.** Umubare w’abantu batwawe mu modoka ntugomba kurenga ubushobozi bw’abantu bagomba kwicara mu modoka, keretse mu gice cy’ubutabazi bwihuze iyo habaye ikibazo gitunguranye no kwimurirwa ahantu hashyizweho mbere.
- C. Umutekano mu modoka**
1. Nta mwana wemerewe kuba ari mu modoka iyo ari yo yose nta muntu mukuru uyirimo.
 2. Abana bagomba kwicazwa bambaye imikandara kandi ikajije hakurikijwe 29-A M.R.S. §2081.
 3. Ibyo imodoka igomba kuba yujuje byavuzwe haruguru ntibikurikizwa ku modoka idakoreshwa n’utanga serivisi, nka bisi z’ishuri, tagisi, na/cyangwa ibigo bitwara abantu muri rusange.
 4. Abana batwawe muri bisi y’ishuri bafite muni y’imyaka 4 bagomba kuba bicaye mu ntebe zirinda umutekano w’abana hakurikijwe 29-A M.R.S. §2081.
 5. Intwari ntizigomba gutwarwa mu modoka iyo ari yo yose abana bari kugendamo.
- D. Ingendoshuri**
1. Abatanga serivisi bagomba kuba bafite ingamba zituma bamenya aho abana bose bari igihe cyose.
 2. Abana bagomba kubarwa igihe bagiye n’igihe bongeye kwinjira mu Nyubako zitangirwamo serivisi, kandi bagomba gukomeza kugenda babara umubare w’abana bahari igihe cyose mu rugendo shuri

IGICE CYA 18. KWITA KU RUHINJA/IGITAMBAMBUGA

- A. Andi mategeko areba abatanga serivisi bita ku mpinja n'ibitambambuga.** Ku byiyongera ku mategeko yabajye, Utanga serivisi wita ku Bana bafite ibyumweru 36 kugeza ku mezi atandatu bagomba nabo kubahiriza iki gice.
- B. Guteza imbere ibikenerwa bijyanye n'imikurire.** Ibyo Impinja n'Ibitambambuga bakenera bijyanye n'imikurire yabo bigomba gutezwa imbere mu buryo bukurikira:
1. Utanga serivisi agomba gukora ku buryo Impinja n'Ibitambambuga bahabwa ibikorwa bitandukanye mu rwego rwo guteza imbere imikurire myiza mu bice byose byo kwiga, bijyanye n'ibyo buri mwana akeneye mu mikurire ye.
 2. Buri mwana agomba kwemererwa kurema cyangwa gukurikira uburyo bwe bwo kuryama, kuruhuka, n'ibihe byo kubyuka;
 3. Impinja n'Ibitambambuga ntibigomba kwemererwa gukoresha ibikinisho cyangwa ibintu bashobora kumira cyangwa bigatera kubura umwuka. Ibyo kurya byateza ibyago byo guhumeka kubera ingano, imiterere cyangwa ibyo bikozezo ntibigomba kugaburirwa Impinja n'Ibitambambuga;
 4. Buri Ruhinja rugomba guhindurwa uko rumeze nyuma ya buri minota 30, iyo Umwana ari maso;
 5. Impinja zigomba guhabwa igihe cyo kubika inda hari umuntu umucunga / igihe cyo kujya hasi buri muni;
 6. Gukoresha iibkoresho by'impinja kugira ngo wongeremo, ariko ntugarukire dukoresho batwaramo abana, urwicundo, n'udukoresho duha abana umunyenga, udukoresho duha abana umunyega ntitugomba kurenza iminota 30 umwana aturimo.
- C. Kugaburira**
1. Amashereka agomba kuba yanditseho izina ry'umwana cyangwa agashyirwa ku ruhande hakurikijwe imbonerahamwe iri muni

Aho abitse n'ubushyuye bwaho			
Ubwoko bw'amashereka:	Hejuru ya kontwari	Firigo	Icyuma gikonjesha
	Kuba akonje ku kigero cya 77°F (25°C) cyangwa akonje kurushaho (ubushyuye bwo mu cyumba)	40°F (4°C)	0°F (-18°C) cyangwa akonje kurushaho
Gukama no kuyabika neza	Kugeza ku masaha 4	Kugeza ku minsi 4	Mu mezi 6 ni byiza cyane Kugeza ku mezi 12 biremewe
Atagikomeye, yigeze kuba balafu	Isaha 1-2	Kugeza ku muni 1 (amasaha 24)	NTugahindure amashereka balafu nyuma yo kuba yahindutse amazi
Ibyasigaye mu kugabura	Iyo Uruhinja rutarangije icupa, rikoreshe mu masaha 2 nyuma y'uko Uruhinja rurangije kurya.		

2. Ibiryo by'umwana bigomba kuba bikozwe bicuruzwa byateguwe mu rwego rw'ubucuruzi. Ibyo kurya by'umwana bikorerwa mu rugo birabujijwe.
3. Ibyo kurya n'amashereka bigomba gushyirwaho izina ry'Umwana n'itariki.
4. Koresha ibyo kurya byateguwe by'Uruhinja mu masaha 2 yo gutegura no mu isha 1 uhereye igihe kugabura byakorewe. Iyo ibyo kurya by'uruhinja byateguwe bidakoreshejwe mu masaha 2, haita ubika icupa muri firigo wongere kurikoresha mu masaha 24.

5. Umubare wa gahunda yo konsa n'ubwoko bigomba kuba ari igisubizo ku by'Uruhinja rukeneye.
6. Abatanga serivisi bagomba gufata abana batabasha kwifasha bibero igihe bonka.
7. Abana bashobora kwifasha bibero iyo banywa amata bagomba kuba bicaye kandi bari aho Utanga serivisi ashobora kugera.
8. Iyo amashereka cyangwa imfashabere bigomba gushyushywa, bibero zigomba gushyirwa mu mazi (atabira) mu gihe kitarenze iminota itanu, nyuma yaho bibero igomba gucuguswa neza, kandi ubushyuhe bugomba kugenzurwa mbere yo kugaburira umwana. Bibero zirimo imfashabere cyangwa amashereka ntabwo agomba gushyuhirizwa muri mikorowonde cyangwa mu ifuru.
9. Intebe cyangwa ameza bikoreshwa mu kugaburira Impinja n'Ibitambambuga bigomba kuba biteguye ku buryo bivuzwa Umwana gusinzira cyangwa kugwa.
10. Ibyombo na bibero bikoreshwa mu guha umwana amata bigomba kuba bikoze mu bikoreho bitameneka cyangwa bikaba biri mu gikoreho gituma bitameneka kandi ntigomba kuba birimo ubutare bwa bisifenoru A (BPA).
11. Ababyeyi bagomba guhita bamenyeshwa ako kanya iyo Umwana habayeho gucikwa amata agahabwa amashereka y'undi mwana. Abatanga serivisi bagomba kuba bafite amakuru ku bijyanye no gukurikrana ibizami no gusangiza ibisubizo by'ibizami.

D. Kuryama akanya gato/Kuruhuka. Utanga serivisi agomba kubahiriza ibiteganywa n'Igice cya 14 (L) cy'iri tegeko, kandi:

1. Impinja zigomba kuryamishwa zigaramye mu dutanda twazo twemewe, agatanda k'abana, cyangwa agakoresho bakiniramo, keretse Umubyeyi w'Umwana atanze inama yahawe na muganga. Inyandiko zanditse zatanzwe na muganga zigomba kuba ziri muri dosiye y'umwana.
2. Buri ruhinja/Igitambambuga kigomba kwemererwa gukurikiza uburyo bwe bwo kuryama, uretse igihe hari inyandiko yihariye yatanzwe na muganga iri muri dosiye y'Umwana.
3. Bavete n'imyenda ifite imigozi n'ingofero bigomba gukurwamo mbere yo gushyira umwana mu gatanda k'abana kugira ngo aryame.
4. Korosa umubiri wose Impinja n'ibitambambuga birabujijwed.
5. Impinja ziryamye zigomba kugenzurwa umuntu ahibereye byibura buri minota 30
6. Udutanda tw'abana, uburiri, n'udukoreho bakiniramo bigomba gukoreshwa n'umwana umwe gusa

IGICE CYA 19. KWITA KU MWANA NIJORO

- A. Andi mategeko ku kwita ku mwana nijoro** Utanga serivisi wita ku bana nijoro agomba kuba yujuje ibisabwa biri muri iki gice, kiyongera ku bindi bice byose by'iri Tegeko.
- B. Uburyo bwo kwita ku mwana hashingiwe ku miterere ye yihariye .** Utanga serivisi n'Abakozi bagomba gukoresha imbaraga zidasanzwe kugira ngo bite ku mwana ku buryo budasanzwe mu gihe cyo kuryama n'icyo kubyuka.
- C. Iyumba bikoreshwa mu kuryama no kuryama agahe gato.** Iyumba byose byafashwe kugira ngo bikorshwe mu kuryama igihe kirekire no kuryama agahe gato bigomba kwemezwa n'Iburo bya Leta bishinzwe gukumira ikongi y'umuriro.
1. Iyumba kiri hejuru y'inyubako ya mbere gishobora gukoreshwa mu kuryama igihe kirekire n'agahe gato iyo icyo cyumba gifite aho gusohokera habiri, aho gusohokera hamwe hahita hagaisha hanze, hafite uburyo bwo guhita umuntu agera ku nzu yo haze neza.
 2. Utanga serivisi agomba kuba afite uruhushya yahawe n'Umubyeyi wa buri mwana yitaho kugira ngo asangire icyumba cyo kuraramo n'undi muntu. Abana bagejeje igihe cyo gutangira bagomba guhabwa ahantu hihariye ko kuryama n'aho kwambarira.
- D. Ibitanda n'ibisawwa.** Utanga serivisi utanga serivisi zo kwita ku bana nijoro agomba kuba afite agatanda k'abana gatekanye kandi gakomeye kuri buri Ruhinja, n'igitanga gitekanye kandi gikomeye cyangwa agatanda k'abana kariho matera n'umusego kuri buri Mwana.
1. Igitanda cyo hejuru ku bitanda bigeretse kigomba kuba gifite ibyuma by'ubwirinzi.
 2. Matora zirimo amazi zikoreshwa ku bana bafite muni y'amezi 36.
 3. Amashuka agomba gusimbuzwa buri cyumweru, iyo akoreshwa n'abana batandukanye, cyangwa kenshi iyo bibaye ngombwa. Nta mwana ushobora kwemererwa gusinzirira mu buriri butose.
 4. Ibitanda byegeranye bigomba kuba bitandukanywa na metero ebyiri.
 5. Udutanda tw'abana zigomba kuba zubahiriza Igice cya 14 cy'iri tegeko.
 6. Tapi ntizishobora gukoreshwa mu kuryama nijoro.
- E. Ubugenzuzi bukorwa mu gihe cyo gusunzira.** Abana basinziriye bagomba kuba bari aho Utanga serivisi yumva, hashobora kuba harimo uburyo bwo kugenzura humvwa amajwi no kureba.

IGICE CYA 20. IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO, KONGERA GUTANGA UBUSABE BUKURIKIRA NO GUTANGA UBUJURIRE

- A. Ishami rigomba gukurikirana iyubahirizwa ry'amategeko.** Ishami rishobora kuyobora Utanga serivisi gukosora ihohoterwa iryo ari ryo ryose mu buryo, kandi no mu gihe runaka, Ishami rifata gikwiye mu rwego rwo kureba neza ko iri tegeko rikurikizwa cyangwa kurinda ubuzima n'umutekano by'abana.
1. Ishami rishobora gufata imwe cyangwa nyinshi muri izi ngamba, ku rugero urwo ari rwo rwose rukwiye, mu rwego rwo gukemura ibibazo byo kutubahiriza iri tegeko n'andi mategeko shingiro akurikizwa.
 2. Ibikorwa byo gutuma amategeko yubahirizwa si ngombwa ko bigomba kuba bikurikirana, nk'uko bigaragazwa muri iri tegeko.
 3. Ishami rishobora gukuraho cyangwa rigahindura ingingo izo ari zo zose z'iritegeko, keretse ingingo yarategetswe na Leata cyangwa amategeko shingiro y'ibigugu byishyize hamwe.
 - a. Utanga ubusabe agomba kuvuga, mu nyandiko, ko hari ubundi buryo azubahiriza ingingo z'iri tegeko zenda kuvanwaho.
 - b. Iyo byemejwe, iryo vanwaho rigarukira ku mabwiriza agenga icyemezo.
 - c. Kongera igihe byemerwa gusa aho inyungu z'Umwana(Abana) zitabwaho.
- B. Gahunda y'ibikorwa iyobowe.** Ishami rishobora gutanga gahunda y'ibikorwa iyobowe ku bijyanye no kudakurikiza iri tegeko.
1. Gahunda y'Ibikorwa Iyobowe igaragaza ibikorwa bigomba kurangira mu rwego rwo kubahiriza itegeko, hamwe n'igihe buri gikorwa kigomba kuba cyakozwe.
 2. Kunanirwa kurangiza cyangwa kubahiriza Gahunda y'Ibikorwa Iyobowe bishobora gutuma hafatwa ibyemezo bituma gahunda ayubahirizwa, kugeza ndetse harimo no gutesha agaciro icyemezo.
- C. Ibibujijwe.** Ishami rishobora gutegeka ko hatangwa ibukurikira:
1. Guhagarika kwakira abana kugeza Ishami ryemeje ko Utanga serivisi yakosoye ibyo atubahirije byose.
 2. Kugabanya ubushobozi bw'Utanga serivisi kugeza Ishami ryemeje ko Utanga serivisi yakosoye ibyo atubahirije byose..
- D. icyemezo gitangwa ari uko hari ibibanje kubahirizwa.** Ishami rishobora gutanga icyemezo gitangwa ari uko hari ibibanje kubahirizwa, hakurikijwe 22 MRS §7802(1)(C). Imenyeshya ry'icyemezo gitangwa ari uko hari ibibanje kubahirizwa kiba gikubiyemo Gahunda y'Ibikorwa Iyobowe.
- E. Guhagarika icyemezo.** Ishami rishobora guhagarika cyangwa kugerageza guhagarika icyemezo mu buryo bukurikira:
1. Komiseri w'Ishami ashobora guhagarika icyemezo ashingiye ku mpanvu y'ubuyobozi biciye mu gutanga itegeko ryo gufunga iyo hari ibintu bigaragaye, kandi Ishami rikaba ritekereza ko byashyira mu kaga ubuzima n'umutekano by'Abana.
 2. Itegeko ryo gufungwa rishobora kumara iminsi igera ku Icumu hakurikijwe 22 M.R.S §8301-A (5), hagitegerejwe irindi perereza cyangwa mbere yo kubona itegeko riturutse mu rukiko rigutegeka guhagara mu buryo butunguranye.
 3. Ishami rishobora gusaba guhagarikwa mu buryo butunguranye hamwe na 4 M.R.S §184 Iyo habonetse ibintu, Ishami ritekereza ko, bishyira ubuzima n'umutekano w'Abana mu kaga

- F. Kurangirwa Ibiro by'Intumwa nkuru ya Leta.** Utanga serivisi ufite ibyo atubahirije ashobora kurangirwa Ibiro by'Intumwa Nkuru ya leta hagatangwa ikirego
1. Ishami rishobora gukurikirana amande hakurikijwe 22 M.R.S §§ 7702-A na 7702-B, cyangwa ikindi gice gikurikizwa cy'Amategeko shingiro ya Maine.
 2. Ishami rishobora gushaka amabwiriza relief to require compliance, in accordance with 22 M.R.S. §8301-A (7).
- G. Kwanga gutanga cyangwa kongera Uruhushya** Ishami rishobora kwanga gutanga cyangwa kongera Uruhushya mu gihe Utanga serivisi ananiwe kubahiriza amategeko n'amabwiriza bikurikizwa.
- H. Gutesha agaciro.** Ishami rishobora gutesha agaciro uruhushya rwuzuye cyangwa rw'igihe gito kubera kutubahiriza amategeko n'amabwiriza bikurikizwa, gukora, gufasha cyangwa kwemerera cyangwa gusonera igikorwa icyo ari cyo cyose kitemewe n'amategeko mu gihe akora ibikorwa byo kwita ku Bana cyangwa ku myitwarire, cyangwa imikorere ibangamiye imibereho myiza y'abana bahabwa n'Utanga serivisi zo kwita ku bana hakurikijwe 22 M.R.S. §7802(3)(D).
- I. Guhindura ubusa.** Ishami rishobora gutesha agaciro icyemezo gitangwa ari uko hari ibibanje kubahirizwa iyo utanga serivisi ananiwe kubahiriza amabwiriza agenga icyemezo.
- J. Uburenganzira ku makuru ku bijyanye n'imikorere idahwitse y'utanga serivisi.** Umubyeyi w'Umwana cyangwa Umwishingizi we afite uburenganzira bwo guhabwa amakuru yuzuye ku mateka ya porogaramu yo guhabwa icyemezo. Ababyeyi n'abishingizi bagomba kumenyeshwa ku gihe n'Utanga serivisi, ingamba zose Ishami ryafatiye Utanga serivisi, harimo ariko bitagarukira ku, Itangwa ritaziguye rya Gahunda y'Ibikorwa Iyobowe, itangwa ry' icyemezo gitangwa ari uko hari ibibanje kubahirizwa , Kwanga kuvugurura icyemezo, gucibwa amande, cyangwa ibindi bihano.
- K. Amasezerano yo gutanga uburenganzira.** Ishami rishobora gutanga Amasezerano yo gutanga uburenganzira aho mu mwanya wo gutanga ikindi gihano kizwi. Iyo Amasezerano yo gutanga uburenganzira adakurikijwe Ishami rishobora ibindi bikorwa bijyanye no gutanga icyemezo. .
- L. Kugabanya kongera gutanga ubusabe nyuma yo kwangirwa cyangwa guteshwa agaciro kw'icyemezo.** Igihe ntarengwa gikurikizwa ku kongera gutanga ubusabe nyuma yo kwangirwa cyangwa guteshwa agaciro kw'icyemezo.
1. Iyo wangiwe guhabwa icyemezo cyangwa cyateshejwe agaciro igihe kimwe, Utanga ubusabe cyangwa Utanga serivisi ntashobora kongera gusaba icyemezo uhereye ku itariki kangirwa cyangwa gutesha gaciro byatangiye gukurikirizwa iyo bitajuririwe, cyangwa iyo byajuririwe, uhereye ku itariki komiseri yafatiyeho icyemezo cya nyuma cyangwa itegeko ry'urukiko ryabisobanuye, hatitawe ku cyaza nyuma.
 2. Iyo wangiwe guhabwa icyemezo cyangwa cyateshejwe agaciro mu bihe bibiri, Utanga ubusabe ashoborantashobora kongera gutanga ubusabe bw'icyemezo mu gihe cy'imyaka ibiri uhereye igihe icyemezo cyo kwangirwa ku nshuro ya kabiri cyangwa guteshwa agaciro byatangiye gukurikirizwa iyo icyemezo kitajuririwe, iyo kijuririwe, uhereye ku itariki komiseri yafatiye icyemezo cya nyuma cyangwa icyemezo cyangwa itegeko ry'urukiko ryabisobanuye, ikiza nyuma cyose.
 3. Iyo icyemezo gitanzwe cyangwa kigateshwa gaciro ku nshuro eshatu, Utanga ubusabe cyangwa Utanga serivisi ashobora kutongera guhabwa ikindi cyemezo cyo kwita ku Bana.
- M. Ubusabe bukurikira bw'icyemezo cyuzuye.** Ubusabe bukurikira bw'icyemezo cyuzuye bushobora gusuzumwa n'Ishami nyuma y'uko kimwe mu bikorwa bukurikira, iyo inenge zagaragajwe n'Ishami mu gihe inenge agaragajwe zakosowe.:
1. Gutanga cyangwa gutesha agaciro itangwa icyemezo gitangwa ari uko hari ibibanje kubahirizwa;
 2. Kuvugurura cyangwa guhindura icyemezo;

3. Kwanga gutanga cyangwa kuvugurura icyemezo;
4. Gutesha agaciro cyangwa guhagarika icyemezo cyuzuye; cyangwa
5. Kwanga gutanga icyemezo cy'agateganyo.

N. Icyemezo cyuzuye nyuma yo gukosora inenge zagaragaye. Ubusabe bw'icyemezo cyuzuye bushobora gutekerezwaho n'Ishami ari uko inenge zagaragajwe n'Ishami zakosowe.

O. Uburenganzira bwo kujurira. Ubujurire bw'Utanga serivisi bugarukira ku kwemeza ko icyemzo cy'ishami gikoresha nabi amategeka akaurikizwa, uburyo bukurikizwa cyangwa amategeko.

1. Utanga serivisi agomba gusaba ko ahabaho Urubanza rwo mu rwego mbonezabutegetsi hakurikijwe amabwiriza yatanzwe mu gikorwa icyo ari cyo cyose cyakozwe n'Ishami gishobora gutangirwa ubujurire.
 - a. Ubusabe bugomba kuvuga ibibazo byihariye byatangiwe ubujurire.
 - b. Ubusabe bugomba gutangwa mu minsi 30 yo kwakira imeneysha ry'igikorwa icyo ari cyo cyose gishobora gutangirwa ubujurire.
 - c. Ibikorwa bikurikira bishobora kujuririrwa:
 - i. Itangwa ry'Icyemezo gitangwa ari uko hari ibibanje kubahirizwa;
 - ii. Kuvugurura cyangwa guhindura Icyemezo, harimo kugabanya ubushobozi bw'Icyemezo cyangwa kurekeraho kongera gufata abandi bantu, igihe bisabwa n'Ishami;
 - iii. Gutesha agaciro Icyemezo gitangwa ari uko hari ibibanje kubahirizwa;
 - iv. Kwanga gutanga cyangwa kongerera igihe icyemezo ; cyangwa
 - v. Kwangirwa ubusabe bwo gusonerwa.
 - d. Ibikorwa bijuririrwa bizahagarikwa kugeza Ishami rifashe icyemezo cya nyuma cy'ikigo, uretse igihe icyemezo cyahagaritswe mu Gice cya 20(F)(1) cyangwa (2).
2. Urubanza ruzayoborwa hakurikijwe Amategeko y'Ishami agenga imanza mbonezabutegetsi kuri 10-144 C.M.R. Ch. 1.
3. Uruhande rwakomerekejwe rushobora kujuririra Urukiko rukuru igikorwa cya nyuma cy'ishami.

AMATEKA YO Kugenzura imikorere

ITARIKI BYATANGIYE KUBAHIRIZWA:

Ku ya 1, 1998 – nk “Amategeko y’Utanga serivisi zo Kwita ku Bana mu rugo”

RYAVUGURUWE:

1, Kanama 2006 – dosiye 2006-228 nka “Amategeko agenga Abatanga serivisi zo Kwita ku Mwana mu Muryango”

Ku ya 1, 2007 - dosiye 2007-191 (y’ingenzi kandi YIHUTIRWA)

Ku ya 14, Nzeli 2007 - dosiye 2007-331 (y’ingenzi kandi YIHUTIRWA)

Ku ya 1 kamena, 2008 - dosiye 2008-235 (BIRIHUTIRWA Ibice bikunda kwibandwaho by’itegeko 2007 c. 199)

Ku ya 27, 2008 -dosiye 2008-383 (ryahindutse irisanzwe nyuma yo kuvugururwa 2007 c. 199)

Ku ya 1, Nyakanga 2009 - dosiye 2009-207 (kwemera kugira umwana uwawe, ingenzi cyane)

KUVANAHO NO GUSIMBUZA:

Nzeli 20, 2017 –dosiye 2017-148 nka 10-144 CMR Ch. 33, Itegeko rigenga itangwa ry’Icyemezo k’Utanga serivisi zo Kwita ku Mwana mu Muryango 10-148 CMR Ch. 33, Itegeko rigenga itangwa ry’icyemezo cyo kwita ku mwana mu muryango (Ingenzi cyane kandi RYIHUTIRWA risanzwe)

RYAVUGURUWE

Ku ya 5 Nyakanga, 2018 – dosiye 2018-105 (kwemera kugira umwana utari w’undi uwawe, ingenzi cyane)

KUVANAHO NO GUSIMBUZA:

Ku ya 27, 2021 – dosiye 2021-112 as 10-148 CMR Ch. 33, Itegeko rigenga itangwa ry’icyemezo k’Utanga serivisi zo kwita ku Mwana (Ingenzi cyane kandi RIHUTIRWA)

RAVUGURUWE:

Ku ya 27, Gicurasi 2022 – dosiye 2022-069

IMENYESHA RY’IBICE BIKOMEYE BY’IRI TEGEKO

Urwego nshingamategeko rwa Maine rwagennye ibice by’iri tegeko nk’iby’ingenzi cyane, hashingiwe kuri 22 M.R.S. §§ 8302-A(2)(G) -(J) and 8303-A (1). Ibindi bice byagenwe nk’aho bisanzwe, hakurikijwe 22 M.R.S. §§ 7702-B, 7703, 7802, 8301-A and 8302-A (2) (A)-(F).